

Ibirimo/Summary/Sommaire

page/urup

A. Amabwiriza ya Minisitiri/ Ministerial Instructions/ Instructions Ministérielles

N°23/2015 yo kuwa 18/03/2015

Amabwiriza ya Minisitiri ahindura kandi yuzuzwa Amabwiriza ya Minisitiri n°21/2013 yo kuwa 03/07/2013 ashiraho Amabwiriza Nyarwanda y'Ubuziranenge ntarengwa.....2

N°23/2015 of 18/03/2015

Ministerial Instructions modifying and complementing the Ministerial Instructions n°21/2013 of 03/07/2013 declaring compulsory Rwandan Standards.....2

N°23/2015 du 18/03/2015

Instructions Ministérielles modifiant et complétant Instructions Ministérielles n°21/2013 du 03/07/2013 déclarant les Normes Rwandaises Obligatoires.....2

B. Imiryango / Organizations/ Organisations

FHA : Forest of Hope Association.....9

Itorero Anglikani mu Rwanda – Diyoseze ya Gasabo, EAR D/Gbo.....32

Eglise Anglicane du Rwanda – Diocèse de Gasabo, EAR D/Gbo.....32

Anglican Church of Rwanda – Gasabo Diocese, EAR D/Gbo.....32

Groupe Biblique Universitaire y' u Rwanda (GBUR).....54

Groupe Biblique Universitaire of Rwanda (GBUR).....54

Groupe Biblique Universitaire du Rwanda (GBUR).....54

C. Amakoperative/ Cooperatives / Coopératives

TWIZAMURE TWIGIRA-MUZO.....81

KORA MWOROZI.....82

CTVGR.....83

TWISUNGANE TETERO.....84

HARD WORKING INVESTMENT COOPERATIVE.....85

ZAMURA UMUSARURO NGORORERO.....86

KOZAKI.....87

KOKU-KIYUMBA.....88

UBUZIMA IWACU.....89

KOTUNGA.....90

KOUBU.....91

TUBUNGABUNGUBUZIMA CYANIKA.....92

L H A P C.....93

COVABEPROVEMPA.....94

ACG.....95

KOAMMUKA.....96

**AMABWIRIZA YA MINISITIRI N°23/2015
YO KUWA 18/03/2015 AHINDURA KANDI
YUZUZA AMABWIRIZA YA MINISITIRI
N°21/2013 YO KUWA 03/07/2013
ASHYIRAHU AMABWIRIZA
NYARWANDA Y'UBUZIRANENGE
NTARENGWA**

Minisitiri w'Ubucuruzi n'Inganda,

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo ya 201;

Ashingiye ku Itegeko n° 36/2012 ryo kuwa 21/09/2012 rigenga ihiganwa mu bucuruzi no kurengera abaguzi, cyane cyane mu ngingo zaryo za 47,48 na 49;

Ashingiye ku Itegeko n° 50/2013 ryo kuwa 28/06/2013 rishyiraho Ikigo cy'Igihugu Gitsura Ubuziranenge (RSB) rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byacyo, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 4;

Ashingiye ku Itegeko n° 15/2001 ryo kuwa 28/01/2001 rigenga Ubucuruzi bw'Imbere mu Gihugu;

Ashingiye ku Mabwiriza ya Minisitiri n°21/2013 yo kuwa 03/07/2013 ashiraho Amabwiriza Nyarwanda y'Ubuziranenge Ntarengwa, cyane cyane mu ngingo yayo ya 8 ;

**MINISTERIAL INSTRUCTIONS N°23/2015
OF 18/03/2015 MODIFYING AND
COMPLEMENTING THE MINISTERIAL
INSTRUCTIONS N°21/2013 OF 03/07/2013
DECLARING COMPULSORY RWANDAN
STANDARDS**

The Minister of Trade and Industry,

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003, as amended to date, especially in Article 201;

Pursuant to the Law n° 36/2012 of 21/09/2012 relating to competition and consumer protection, especially in its article 47,48 and 49;

Pursuant to Law n° 50/2013 of 28/06/2013 establishing Rwanda Standards Board (RSB) and determining its mission, organization and functioning, especially in its article 4;

Pursuant to the Law n° 15/2001 of 28/01/2001 on organization of Internal Trade;

Pursuant to the Ministerial Instructions n°21/2013 of 03/07/2013 declaring Compulsory Rwandan Standards, especially in its article 8;

**INSTRUCTIONS MINISTERIELLES
N°23/2015 DU 18/03/2015 MODIFIANT ET
COMPLETANT INSTRUCTIONS
MINISTERIELLES N°21/2013 DU 03/07/2013
DECLARANT LES NORMES RWANDAISES
OBLIGATOIRES**

Le Ministre du Commerce et de l'Industrie,

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 Juin 2003, telle que révisée à ce jour, spécialement en son article 201;

Vu la Loi n° 36/2012 du 21/09/2012 relative à la concurrence et à la protection des consommateurs, spécialement en ses article 47,48 et 49 ;

Vu la Loi n° 50/2013 du 28/06/2013 portant création de l'Office Rwandais de Normalisation (RSB) et déterminant ses missions, son organisation et son fonctionnement, spécialement en son article 4;

Vu la loi n° 15/2001 du 28/01/2001 portant organisation du Commerce Intérieur;

Vu les Instructions Ministérielles n° 21/2013 du 03/07/2013 déclarant les Normes Rwandaises Obligatoires, spécialement en son article 8 ;

**ASHYIZEHO
AKURIKIRA:**

AMABWIRIZA

ISSUES THE FOLLOWING INSTRUCTIONS:

EMET LES INSTRUCTIONS SUIVANTES:

Ingingo ya mbere: Guhindura no kuzuzwa umugereka

Amabwiriza y'Ubuziranenge ari ku mugereka w'aya Mabwiriza ya Minisitiri ahindura kandi akuzuzwa umugereka w'Amabwiriza ya Minisitiri n° 21/2013 yo kuwa 03/07/2013 ashiraho Amabwiriza Nyarwanda y'Ubuziranenge Ntarengwa.

Ingingo ya 2: Igihe amabwiriza atangira gukurikizwa

Amabwiriza Nyarwanda y'Ubuziranenge Ntarengwa avugwa muri aya Mabwiriza ya Minisitiri atangira gukurikizwa ku muni atangarijwe mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, kuwa 18/03/2015

(sé)

KANIMBA François
Minisitiri w'Ubucuruzi n'Inganda

Article One: Modifying and complementing the annex

All Rwanda Standards attached to these Ministerial Instructions modify and complement the annex to the Ministerial Instructions n°21/2013 of 03/07/2013 declaring Compulsory Rwandan Standards.

Article 2: Commencement

The list of compulsory standards attached to these Ministerial Instructions shall come into force on the date of their publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 18/03/2015

(sé)

KANIMBA François
Minister of Trade and Industry

Article premier : Modifier et compléter l'annexe

Toutes les normes rwandaises apparaissant dans la liste ci-jointe modifient et complètent l'annexe des Instructions Ministérielles n° 21/2013 du 03/07/2013 déclarant les Normes Rwandaises Obligatoires.

Article 2: Entrée en vigueur

Des normes rwandaises obligatoires ci-jointes entrent en vigueur le jour de leur publication dans le Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 18/03/2015

(sé)

KANIMBA François
Ministre du Commerce et de l'Industrie

UMUGEREKA W'AMABWIRIZA YA ANNEX TO THE MINISTERIAL ANNEXE DES INSTRUCTIONS
 MINISITIRI N°23/2015 YO KUWA INSTRUCTIONS N°23/2015 OF 18/03/2015 MINISTERIELLES N°23/2015 DU 18/03/2015
 18/03/2015 AHINDURA KANDI YUZUZA MODIFYING AND COMPLEMENTING MODIFIANT ET COMPLETANT LES
 AMABWIRIZA YA MINISITIRI N°21/2013 THE MINISTERIAL INSTRUCTIONS INSTRUCTIONS MINISTERIELLES
 YO KUWA 03/07/2013 ASHYIRAHO N°21/2013 OF 03/07/2013 DECLARING N°21/2013 DU 03/07/2013 DECLARANT LES
 AMABWIRIZA NYARWANDA COMPULSORY RWANDAN STANDARDS NORMES RWANDAISES OBLIGATOIRES
 Y'UBUZIRANENGE NTARENGWA

LIST OF RWANDAN COMPULSORY STANDARDS (2013-2014)

S/N	STANDARD TITLE	REFERENCE NUMBER
FOOD AND AGRICULTURE		
1.	General Standard for the labelling of Food Additives when sold as such	RS CODEX STAN 107-1981 Ed 2
2.	General Standard for the labelling of and Claims for pre-packaged foods for special dietary uses	RS CODEX STAN 146 – 1985 Ed 2
3.	Labelling of pre- packaged foods — Specification	RS EAS 38: 2013; Ed.2
4.	Ground Cassava leaves (ISOMBE) — Specification	RS 124: 2013, Ed 2, Cor 1
5.	Fruit squashes -- Specification	RS 122: 2014; Ed.2
6.	Fruit juices and nectars — Specification	RS 202: 2013; Ed.2

Official Gazette n°17 of 27/04/2015

7.	Roasted coffee beans and roasted ground coffee — Specification	RS 33: 2014; Ed.2
8.	Instant (soluble) coffee — Specification	RS 34: 2014, Ed.2
9.	Black tea — Specification	RS 31: 2014, Ed.2
10.	Still table wine	RS EAS 138: 2014; Ed.2
11.	Neutral Spirit— Specification	RS EAS 144: 2014; Ed.2
12.	Sparkling Wine — Specification	RS EAS 140: 2014; Ed.2
13.	Fortified Wine — Specification	RS EAS 139: 2014; Ed.2
14.	Beer — Specification	RS EAS 63: 2014; Ed.2
15.	UHT milk — Specification	RS 38: 2013 Ed.2
16.	Soya milk— Specification	RS EAS 800: 2013
17.	Sugar Confectionary — Part 1: High Boiled Sweets	RS 65-1: 2014 Ed. 3

Official Gazette n°17 of 27/04/2015

18.	Sugar Confectionary — Part 2: Caramel, toffees and Fudge	RS 65-2: 2013 Ed. 2
19.	Sugar Confectionary — Part 3: Chewing Gum and Bubble Gum	RS 65-3: 2014 Ed. 3
20.	Glucose syrup(Liquid glucose) — Specification	RS 66: 2014, Ed.2
21.	Maize grains — Specification	RS EAS 2: 2013
22.	Milled rice — Specification	RS EAS 128: 2013
23.	Sorghum grains — Specification	RS EAS 757: 2013
24.	Code of Practice for Handling, processing and distribution of fish	RS 46: 2014, Ed.2
25.	Sausage — Part 1: Fresh, Cooked and Smoked Pork and Sausages, pork and Beef Sausage meat-Specification	RS 44-1: 2014, Ed.2
26.	Fresh Fin Fish — Part 1: Fresh whole fish — Specification	RS 48-1: 2014, Ed.2
27.	Fresh Fin Fish — Part 2: Fresh fish fillet — Specification	RS 48-2: 2014, Ed.2
28.	Canned Corned Beef — Specification	RS 45: 2014, Ed.2

29.	Dressed poultry (Chicken) — Specification	RS 47: 2014, Ed.2
30.	Peanut Butter — Specification	RS EAS 60: 2013
CHEMISTRY AND CONSUMER PRODUCTS		
31.	Body oils — Specification	RS 68: 2014, Ed.2
32.	Carbolic toilet soap — Specification	RS 148: 2014, Ed.2
33.	Hair Oils — Specification	RS 85: 2014, Ed.2
34.	Calcium Ammonium Nitrate Fertilizer — Specification	RS 70: 2013, Ed 2
35.	Urea Grade Fertilizer — Specification	RS 73: 2013, Ed 2
36.	Solid Compound Fertilizers — Specification	RS 71: 2013, Ed 2
37.	Granulated Superphosphate fertilizers — Specification	RS 72: 2013, Ed 2
ENGINEERING		
38.	Textiles — Code of practice for inspection and acceptance criteria for used textile products	RS EAS 356: 2004

39.	High-strength low-alloy Carbon Steel for hot-rolled sheet and cold-rolled sheet — Specifications	RS EAS 196: 2013; Ed.2
40.	Pre-painted metal coated steel sheets and coils — Specification	RS EAS 468: 2013; Ed.2
41.	Galvanized plain and corrugated steel sheets — Specification	RS EAS 11: 2013; Ed.2
ENVIRONMENT, HEALTH AND SAFETY		
42.	Potable water — Specification	RS EAS 12: 2014; Ed.2
43.	Packaged natural mineral water — Specification	RS EAS 13: 2014; Ed.2

Bibonywe kugira ngo bishyirwe ku mugereka w'Amabwiriza ya Minisitiri n°23/2015 yo kuwa 18/03/2015 ahindura kandi yuzuzwa Amabwiriza ya Minisitiri n°21/2013 yo kuwa 03/07/2013 ashiraho Amabwiriza Nyarwanda y'Ubuziranenge Ntarengwa

Kigali, kuwa 18/03/2015

(sé)
KANIMBA François
Minisitiri w'Inganda n'Ubucuruzi

Seen to be annexed to the Ministerial Instructions n°23/2015 of 18/03/2015 modifying and complementing the Ministerial Instructions n°21/2013 of 03/07/2013 declaring Compulsory Rwandan Standards

Kigali, on 18/03/2015

(sé)
KANIMBA François
Minister of Trade and Industry

Vu pour être l'annexé aux Instructions Ministérielles n°23/2015 du 18/03/2015 modifiant et complétant les Instructions Ministérielles n°21/2013 du 03/07/2013 déclarant les Normes Rwandaises Obligatoires

Kigali, le 18/03/2015

(sé)
KANIMBA François
Ministre du Commerce et de l'Industrie



Rwanda Governance Board
Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Imiyoborere
Office Rwandais de la Gouvernance



ICYEMEZO N°128/2014 GIHA UBUZIMAGATOZI UMURYANGO
"FOREST OF HOPE"

Twebwe, Prof.SHYAKA Anastase, Umuyobozi Mukuru w'Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Imiyoborere,

Dushingiye ku Itegeko n° 04/2012 ryo kuwa 17/02/2012 rigena imitunganyirize n'imikorere by'imiryango nyarwanda itari iya Leta, cyane cyane mu ngingo zaryo za 22 na 23;

Dushingiye kandi ku ibaruwa twandikiwe kuwa 19/03/2014 n'umuyobozi w'umuryango **FOREST OF HOPE** asaba ubuzimagatozi;

Tumaze kubona ko uyu muryango wujuje ibisabwa byose kugira ngo umuryango nyarwanda utari uwa Leta uhabwe ubuzimagatozi nk'uko biteganywa n'ingingo ya 22 y'itegeko ryavuzwe hejuru;

Duhaye ubuzimagatozi umuryango **FOREST OF HOPE** iki cyemezo kikazatangazwa mu Igazeti ya Repbulika y'u Rwanda.

Bikorewe i Kigali, kuwa 26/11/2014.

(sé)

Prof. SHYAKA Anastase
Umuyobozi Mukuru



NATIONAL NON-GOVERNMENTAL ORGANISATION

Contact (Physical contact email or web and telephone)

Madeleine Nyiratuza, Tel. 0788852401, nyiraturam@gmail.com, www.fharwanda.org

UMURYANGO NYARWANDA UTARI UWA LETA :
FOREST OF HOPE ASSOCIATION (FHA)

IRIBURIRO:

- ❖ Nk'uko imiryango yose igomba kugira inzego runaka kugira ngo izabashe kugera ku nshingano yihaye;
- ❖ Nkuko imiryango yose igizwe n'abanyamuryango bari mu nzego zitandukanye bagomba kugira umumaro ndetse n'inshingano zitandukanye;
- ❖ Bimaze kugaragara ko Ishyamba Kimeza rya Gishwati rigikomeje kugaragaza ibimenyetso byo kwangizwa n'abaturage bayikikije;
- ❖ Bimaze kugaragara ko ubumenyi bw'Ishyamba Kimeza rya Gishwati n'urusobe rw'ibinyabuzima birimo budahagije;
- ❖ Twifuje gushyiraho uyu muryango “**Forest of Hope Association**” (FHA mu magambo ahinnye) kugira ngo iri shyamba ndetse n'ibindi byanya birinzwe mu Rwanda birusheho kubungabungwa;
- ❖ Nyuma yo kwemerwa n'abashinze uyu muryango iyi nyandiko yemejwe nk'amabwiriza shingiro ya” **Forest of Hope Association**” (FHA), umuryango udaharanira inyungu.

**ORGANISATION
GOUVERNEMENTALE NATIONALE:**

“FOREST OF HOPE ASSOCIATION” (FHA)

**CHAPITRE PREMIER: DENOMINATION,
SIEGE SOCIAL ET CHAMP D’ACTION**

Article premier: Dénomination

Les membres fondateurs de l’organisation non gouvernementale Nationale dénommée « **Forest of Hope Association (FHA)** » en sigle modifient son statut en conformité avec loi N° 04/2012 de la 17/02/2012 portant organisation et fonctionnement des organisations non gouvernementales nationales.

Article 2: Siege social

Le siège de l’association FHA est établi au Village de Kinihira, Cellule de Rukaragata, Secteur Kigeyo, District de Rutsiro, Province de l’Ouest. Il peut néanmoins être transféré ailleurs au Rwanda sous décision de l’assemblée général.

Article 3: Champ d’activité

FHA exerce ses travaux dans quatre Secteurs entourant la Réserve Forestière de Gishwati (Kigeyo, Nyabirasi, Ruhango et Mushonyi) mais

**NON-UMURYANGO NYARWANDA UTARI UWA
LETA :**

“FOREST OF HOPE ASSOCIATION” (FHA)

**UMUTWE WA MBERE: IZINA, ICYICARO
N’IFASI**

Ingingo ya mbere: Izina

Abanyamuryango shingiro b’umuryango Nyarwanda utari uwa Leta witwa « **Forest of Hope Association (FHA)** » mu magambo ahinnye y’icyongereza bahinduye amategeko agenga uwo muryango hashingiwe ku itegeko N° 04/2012 ryo ku wa 17/02/2012 rigenga imitunganyirize n’imikorere by’imiryango nyarwanda itari iya Leta.

Ingingo ya 2: Icyicaro

Icyicaro cy’ishyirahamwe FHA gishyizwe mu mudugudu wa Kinihira, Akagari ka Rukaragata, Umurenge wa Kigeyo, Akarere ka Rutsiro, Intara y’Iburengerazuba. Iki cyicaro gishobora kwimurirwa mu kandi karere muri Repubulika y’u Rwanda byemejwe n’inteko rusange.

Ingingo ya 3: Ifasi

FHA ikorera imirimo yayo mu mirengane ine ikikije Ishyamba Kimeza rya Gishwati (Kigeyo, Nyabirasi, Ruhango na Mushonyi), ariko ishobora kwagurira

**NATIONAL NON-GOVERNMENTAL
ORGANIZATION:**

**“FOREST OF HOPE ASSOCIATION”
(FHA)**

**CHAPTER ONE: NAME, HEAD OFFICE
AND JURISDICTION**

Article One: Name

Founding members of a National Non-Governmental Organization named « **Forest of Hope Association (FHA)** » in English abbreviation modify its memorandum and articles of the organization statutes in accordance to the Law N° 04/2012 of 17/02/2012 governing the organization and the functioning of national non-governmental organizations.

Article 2: The Head office

The headquarters of the association FHA shall be located in Kinihira Village, Rukaragata Cell, Kigeyo Sector, Rutsiro District, Western Province. The head office may however be shifted to any other place in Rwanda based on the decision of the general assembly.

Article 3: Jurisdiction

FHA operates in four Sectors surrounding the Gishwati Forest Reserve (Kigeyo, Nyabirasi, Ruhango and Mushonyi) but it may extend its

peut les étendre ailleurs sous la décision de l'assemblée générale.

CHAPITRE DEUX: OBJECTIFS ET DUREE

Article 4: Mission et activités

Engager les communautés locales dans la conservation et la restauration des aires protégées.

Pour aboutir à sa mission l'organisation s'est fixée les activités suivantes :

- Sensibiliser la population locale sur l'importance de conserver les aires protégées ;
- Améliorer les conditions de vie de la population locale à travers les activités génératrices de revenu et renforcement des capacités ;
- Réduire les conflits entre la population locale et les aires protégées.

Article 5: La durée d'exercice

L'organisation est constituée pour une durée indéterminée.

CHAPITRE TROIS: MEMBRES

Article 6: composition des membres

L'organisation se compose de membres

ibikorwa byayo n'ahandi byemejwe n'inteko rusange.

UMUTWE WA KABIRI: INTEGO N'IGIHE UZAMARA

Ingingo ya 4: Intego n'ibikorwa

Gufasha abaturage kugira uruhare mu kubungabunga no gusana ibyanya birinzwe.

Kugira ngo umuryango ugere ku ntego nyamukuru, wiyemeje gukora ibikorwa bikurikira:

- Gukangurira abaturage ku kamaro ko kubungabunga ibyanya birinzwe;
- Guteza imbere imibereho myiza y'abaturage binyujijwe mu bikorwa bibyara inyungu no kongerera ubushobozi abaturage ;
- Kugabanya ibibazo hagati y'ibyanya n'abaturage.

Ingingo ya 5: Igihe umuryango uzamara

Igihe umuryango uzamara ntikigenwe

UMUTWE WA GATATU: ABANYAMURYANGO

Ingingo 6: Abagize umuryango

Umuryango ugizwe n'abanyamuryango bawushinze,

activities to other places under the decision of the general assembly.

CHAPTER TWO: OBJECTIVES AND DURATION

Article 4: Mission and activities

Engaging local communities in conservation and restoration of protected areas.

To reach its mission, the organization set the following activities:

- Sensitize local people about the importance of conserving the protected areas;
- Improve local livelihoods through income generation and capacity building;
- Reduce conflicts between local people and the protected areas.

Article 5: Duration

The organization is formed for an undetermined period.

CHAPTER THREE: MEMBERSHIP

Article 6: Composition

The organization is composed of founder

fondateurs, membres adhérents et membres d'honneur.

abanyamuryango bawinjiyemo nyuma n'abanyamuryango b'icyubahiro

members, subscribing members and honorary members.

Article 7: Des membres effectifs

Ingingo ya 7: Abanyamuryango nyakuri

Article 7: Effective members

Les fondateurs et membres adhérents constituent les membres effectifs de l'organisation et ont les mêmes droits et obligations envers l'organisation.

Abanyamuryango bawushinze n'abanyamuryango bawinjiyemo nyuma bose bitwa abanyamuryango nyakuri kandi bose bafite uburenganzira n'inshingano bingana.

Founder and subscribing members constitute the effective members of the organization and have the same rights and obligations towards the organization.

Article 8: Droits et obligations des membres effectifs.

Ingingo ya 8: Uburenganzira n'inshingano z'abanyamuryango nyakuri.

Article 8: Rights and obligations of effective members.

Les membres effectifs ont droits suivants :

Abanyamuryango nyakuri bafite uburenganzira bukurikira:

The effective members have the following rights:

- Ils ont le droit de voter et être voté dans les organes prescrits par le statut de l'organisation;
- Droit de prendre de décisions pour les cas qui doivent être délibérés par l'assemblée générale.

- Uburenganzira bwo gutora no gutorwa ku myanya iteganyijwe n'amategeko y'umuryango;

- The right to vote and be voted for the positions prescribed by this Memorandum and Articles of organization;
- The right to take decision on issues submitted to the General Assembly for consideration.

Les membres effectifs ont des obligations suivantes :

Abanyamuryango nyakuri bafite inshingano zikurikira:

The effective members have the following obligations:

- Donner des apports matériels, intellectuels et financiers pour contribuer à la réalisation des objectifs de l'organisation;
- Payer des cotisations approuvées par l'assemblée générale.

- Gushyigikira ibikorwa by'umuryango mu buryo bufatika, mu buryo bw'ubumenyi, n'ubw'imari kugira ngo intego z'Umuryango zigerweho;
- Kwishyura imisanzu yemejwe n'inteko rusange.

- To provide material, intellectual and financial support towards the realization of the organization's objectives;
- To pay the contributions approved by the General Assembly.

Article 9: Membres d'honneur

Ingingo ya 9: Abanyamuryango b'icyubahiro

Article 9: Honorary members

Les membres honoraires sont des personnes

Abanyamuryango b'icyubahiro bagenwa kandi

Honorary members are persons or legal

physiques ou morales qui ont été octroyées cet état par l'Assemblée générale, en reconnaissance de leur contribution particulière à l'organisation

Les membres d'honneur jouent un rôle consultatif et peuvent assister aux réunions mais ils n'ont aucun pouvoir de vote.

Article 10: De l'adhésion

L'adhésion est ouverte à toutes les personnes qui souscrivent aux objectifs de FHA.

Les demandes d'adhésion doivent être adressées au Président du conseil d'Administration, qui les soumet à son tour à l'Assemblée générale pour approbation

Article 11 : condition d'adhésion

- Etre âgé de 21 ans révolus;
- Accepter de se conformer à tout programme de FHA;
- Etre une personne intègre;
- Etre en conformité avec règlements de FHA;
- Accepter de libérer les cotisations décidées par l'assemblée générale;
- Ne pas être source ni acteur de discrimination.

Article 12: La perte de la qualité de membre

La personne perd la qualité de membre à cause de décès, de démission volontaire, l'exclusion pour

bakemezwa n'Inteko rusange kubera ibyiza by'akarusho bakoreye umuryango.

Abanyamuryango b'icyubahiro bagishwa inama ariko ntibafite ububasha bwo gutora

Ingingo ya 10: Gusaba kuba Umunyamuryango

Umuntu wese wemera amahame y'umuryango FHA ashobora gusaba kuba umuryango.

Inyandiko zisaba kwinjira mu muryango zandikirwa Perezida wa Komite Nyobozi, nawe akazishyikiriza inteko rusange kugira ngo ifate umwanzuro,

Ingingo 11: Kwemerwa kuba umunyamuryango

- Kuba umaze nibura imyaka 21 y'amavuko;
- Kuba ugaragaza ko ushyigikiye gahunda yose y'umuryango FHA;
- Kuba uri inyangamugayo;
- Kuba wemera gukurikiza amategeko n'amahame ya FHA;
- Kwemera gutanga imisanzu igenwa n'Inteko rusange ;
- Kuba utarangwa n'amacakubiri ayo ariyo yose.

Ingingo ya 12: Gutakaza ubunyamuryango

Umuntu areka kuba umunyamuryango iyo apfuye, iyo asezeye kubushake, iyo yirukanywe kubera

entities that are accorded such status by the General Assembly in recognition of their special contributions to the organization.

While honorary members play a consultative role and may attend meetings, they have no voting powers.

Article 10: Application for membership

Membership is open to all people who subscribe to the ideals of FHA

Applications for membership shall be addressed to the Chairperson of Board of Directors who in turn submits them to the General Assembly for approval.

Article 11: Condition of adherence

- Be at least 21 years of age old;
- Willingness to comply with all program of FHA;
- Being a person of integrity;
- Be in compliance with FHA regulations and philosophy;
- Be willing to release the contributions decided by the General Assembly;
- Do not be a source or actor of any form of discrimination.

Article 12: Loss of membership.

Membership ceases with death, voluntary resignation, exclusion due to failure to comply

cause non-respect des statuts, règlement et décisions des instances dirigeantes et la dissolution de l'organisation.

La démission volontaire est adressée par écrit au Président du Conseil d'administration, qui la soumet à l'Assemblée générale pour approbation.

Exclusion des membres qui contreviennent à ces statuts et les règlements d'ordre intérieurs de l'organisation doit être effectuée par un vote à la majorité des deux tiers de l'Assemblée général.

CHAPITRE QUATRE: DU PATRIMOINE

Article 13: Composition du patrimoine

Le patrimoine de FHA est constitué des contributions des membres, dons, legs et ainsi que les fonds issues des activités génératrices de revenus de l'organisation.

Article 14: De l'utilisation du patrimoine

L'organisation doit utiliser ses ressources en vue de réaliser ses objectifs d'une façon directe ou indirecte.

La gestion du patrimoine de l'organisation est déterminée par les règlements d'ordre intérieurs de l'organisation.

kutubahiriza amategeko y'umuryango , cyangwa iyo umuryango usheshwe;

Usezeye ku bushake yandikira Perezida wa Komite Nyobozi bigashyikirizwa Inteko Rusange kugira ngo ibifateho icyemezo.

Icyemezo cyo kwirukana abamunyamuryango banyuranije n'aya mategeko n'amabwiriza ngengamikorere y'umuryango gifatwa kubwiganze bwa 2/3 bw'amajwi y'Inteko Rusange.

UMUTWE WA KANE: UMUTUNGO

Ingingo ya 13: Ibigize umutungo

Umutungo wa FHA uva ku misanzu y'abanyamuryango bawo, impano, indagano n'imfashanyo cyangwa umusaruro ukomoka ku bikorwa by'umuryango.

Ingingo ya 14: Ikoreshwa ry'umutungo

Umuryango ugenera umutungo ibikorwa byose byatuma ugera ku ntego zawo ku buryo buziguye cyangwa butaziguye.

Uburyo umutungo ucungwa biteganywa n'amabwiriza ngengamikorere y'Umuryango.

with statutes, regulations and decisions of governing bodies and dissolution of the organization.

Voluntary resignation shall be addressed in writing to the Chairperson of the Board of Directors who in turn notifies the General Assembly for approval.

Exclusion of members who contravene this memorandum and articles of organization and internal rules and regulations is effected by a two-thirds majority vote of the General Assembly.

CHAPTER FOUR: ASSETS

Article 13: Composition of assets

Assets of FHA are constituted of contributions from members, donations, legacies and funds from productive ventures of the Organization.

Article 14: Allocation of resources

The Organization shall allocate its resources to all activities, which enable it to realize its objectives directly or indirectly.

The management of the Organization's assets is determined by the internal rules and regulations.

Article 15: Partage du patrimoine en cas de dissolution.

En cas de dissolution de l'organisation, les actifs restant après paiement des créanciers de l'organisation doivent être attribués à des organisations ayant des objectifs similaires.

CHAPITRE CINQ : DES ORGANES DE L'ORGANISATION

Article 16: L'organisation a des organes suivants :

- L'Assemblée Générale
- Le Conseil d'Administration
- Le Commissariat aux comptes
- Organe de résolution de conflit
- Secrétariat Exécutif

Section première : De l'Assemblée Générale

Article 17 : Composition

L'assemblée générale est l'organe suprême de l'Organisation et il est composé de tous les membres.

Article 18: Pouvoir de l'assemblée générale

L'Assemblée générale a le pouvoir:

- d'adopter le plan d'action annuel;
- d'approuver le rapport annuel présenté par

Ingingo ya 15: Igabanwa ry'umutungo igihe umuryango usheshwe

Igihe umuryango usheshwe, umutungo usigaye nyuma yo kwishyura imyenda uhabwa imiryango bihuje intego.

UMUTWE WA GATANU: IBYEREKEYE INZEGO Z'UMURYANGO

Ingingo 16: Umuryango ugizwe n'inzego zikurikira:

- Inteko Rusange
- Komite Nyobozi
- Komite Ngenzuzi
- Komite Nkemurampaka
- Urwego mpuzabikorwa

Igika cya mbere: Inteko rusange

Ingingo ya 17: Abagize Inteko Rusange

Inteko Rusange nirwo rwego rw'ikirenga rw'umuryango kandi igizwe n'abanyamuryango bose.

Ingingo ya 18: Ububasha by'Inteko Rusange

Inteko rusange ifite ububasha bwo:

- kwemeza gahunda y'ibikorwa by'umwaka;
- kwemeza raporo y'ibikorwa by'umwaka

Article 15: Distribution of assets in case of dissolution.

In case of dissolution of the organization, assets remaining after the payment of the organization's creditors shall be allocated to organizations with similar objectives.

CHAPTER FIVE: ABOUT ORGANS OF THE ORGANISATION

Article 16: The organization is composed of the following organs:

- General Assembly
- Administration Council
- Audit Committee
- Conflict resolution organ
- Executive Secretariat

Section One: General Assembly

Article 17: Composition

The General assembly is the supreme organ of the Organization and it is composed of all members.

Article 18: Powers of the General Assembly

The General Assembly shall have the power:

- to adopt the annual action plan;
- to approve the annual report presented

- le conseil d'administration ;
- d'adopter le budget annuel et le rapport annuel des comptes;
- d'adopter le rapport d'audit;
- d'adopter et de modifier les statuts et les règlements d'ordre intérieur;
- d'admettre, de suspendre et d'exclure les membres;
- d'accepter des dons et legs;
- de nommer et de révoquer les membres du comité exécutif;
- de déterminer la nature et le montant des contributions des membres;
- de dissoudre l'organisation.

- igezwaho na komite nyobozi;
- kwemeza ingengo y'Imari ya buri mwaka n'uburyo umutungo wacunzwe;
- kwemeza raporo y'abagenzuzi ;
- kwemeza no guhindura amategeko shingiro n'amabwiriza ngengamikorere by'umuryango;
- kwemerera, guhagarika no kwirukana abanyamuryango;
- kwemera impano n'indagano;
- gushyiraho no gukuraho abagize komite nyobozi;
- kugena uko imisanzu y'abanyamuryango itangwa n'uko igomba kungana;
- gusesa umuryango.

- to it by the Administration council;
- to adopt the annual budget and the yearly accounts report;
- to adopt the audit report;
- to adopt and modify the memorandum and articles of association, and internal rules and regulations;
- to admit, suspend and exclude members;
- to accept donations and legacies;
- to appoint and dismiss members of the executive committee;
- to determine the nature and amount of the contributions of members;
- to dissolve the organisation.

Article 19: Convocation des réunions

L'Assemblée Générale est convoquée et présidée par le Président du Comité exécutif ou, en son absence par le vice-président.

Dans le cas où le président et le vice-président en même temps deviennent incompetents de convoquer l'Assemblée générale, elle peut être convoquée par un tiers des membres effectifs de l'organisation et, les membres présents élisent une personne qui préside la réunion.

L'Assemblée générale se réunit une fois par an en session ordinaire et autant de fois qu'il le juge nécessaire en session extraordinaire.

Ingingo ya 19: Inama n'uburyo zitumizwa

Inteko Rusange ihamagazwa kandi ikayoborwa na Perezida wa Komite Nyobozi, yaba adahari bigakorwa na Visi-Perezida.

Iyo Perezida na Visi Peresida batabikoze, Inteko rusange ishobora gutumizwa na 1/3 cy'abanyamuryango bagize Inteko Rusange. Icyo gihe abayigize bitoramo Perezida w'inama.

Inteko Rusange iterana rimwe mu mwaka mu bihe bisanzwe n'igihe ari ngombwa mu bihe bidasanze.

Article 19: Meetings and convening

The General Assembly shall be convened and chaired by the President of the Administration council or in his/ absence by the Vice-President.

In case both the President and Vice-President simultaneously fail to convene the General Assembly, it may be convened by one-third of the General assembly and, members present shall elect an interim chairperson to chair the meeting.

The General Assembly shall meet once a year in ordinary session and as often as it deems necessary in extra-ordinary session.

Article 20: De l'ordre du jour

L'ordre du jour pour les réunions de l'Assemblée générale est établi par le Conseil d'Administration sur leurs propositions ou celles des membres de l'Assemblée générale.

Les lettres d'invitation contenant des articles de l'ordre du jour doit être soumis aux membres au moins quinze (15) jours avant la réunion.

Article 21: Quorum

Le quorum est d'un tiers de membres constituant l'assemblée générale.

Article 22: Résolutions

Toutes les questions soulevées lors de la réunion doivent être décidées par une majorité absolue des voix des membres qui constituent l'assemblée générale et en cas d'égalité des voix, la personne qui préside la réunion aura une voix prépondérante.

Section deuxième: Conseil d'administration

Article 23: Composition

Le Comité Exécutif est composé du:

- Président / Représentant Légal;
- Vice-président / Vice-Représentant Légal;
- Secrétaire trésorier.

Ingingo ya 20: Umurongo w'Ibyingwa

Ibishyirwa k'umurongo w'ibyangwa bigenwa na Komite Nyobozi ishingiyeye ku bitekerezo byabo cyangwa bamwe mu banyamuryango bagize Inteko Rusange.

Inyandiko zikubiyemo gahunda y'ibyangirwa mu nama byoherezwa abanyamuryango byibuze mbere y'iminsi cumi n'itanu (15).

Ingingo ya 21: Korumu

Kugira ngo Inteko Rusange iterane hagomba kuba hari 1/3 by'abanyamuryango bagize inteko rusange.

Ingingo ya 22: Ifatwa ry'icyemezo

Ibyemezo by'Inteko Rusange byose bifatwa hakurikijwe ubwiganze busesuye bw'amajwi. Iyo amajwi angana, irya Perezida rigira uburemere bw'abiri.

Igika cya Kabiri: Komite nyobozi

Ingingo ya 23: Abayigize

Komite Nyobozi igizwe na:

- Perezida /Umuvugizi w'Umuryango;
- Visi Perezida/ Umuvugizi wungirije;
- Umunyamabanga n'umubitsi.

Article 20: Agenda

The administration council shall draw the agenda for General Assembly meetings from their proposal or any members of the General Assembly.

Invitation letters containing items on the agenda shall be submitted to members at least fifteen (15) days before the meeting.

Article 21: Quorum

The quorum shall be one-third of the number of people constituting General Assembly.

Article 22: Resolutions

All matters arising at the meeting shall be decided by a majority of votes present, and in case of equal votes, the person presiding over the meeting shall have a second or casting vote.

Section two: Administration council

Article 23: Composition

The Executive Committee shall comprise of:

- The President/Legal Representative;
- The Vice-President/Deputy Legal Representative;
- The Secretary-treasurer.

Article 24: Responsabilités

Les fonctions du Conseil d'Administration sont:

- Mettre en place les organes de l'organisation et les approuvés ;
- de mettre en œuvre les décisions et recommandations de l'Assemblée générale;

- de gérer les activités au jour le jour de l'Organisation;
- à préparer le rapport annuel;
- d'élaborer le budget qui sera présenté à l'Assemblée générale;
- de proposer des modifications des statuts et les règlements d'ordre intérieur;

- de convoquer des réunions de l'Assemblée générale;
- de négocier la coopération et des accords financiers avec les partenaires;

- de recruter et de licencier du personnel employé par l'Organisation FHA, lorsque cela est jugé nécessaire.

Article 25: Durée du mandat

Les membres du Conseil d'Administration sont élus parmi les membres effectifs de l'Organisation pour un mandat renouvelable de trois (3) ans.

Ingingo ya 24: Inshingano

Komite nyobozi ishinze:

- Gushyiraho no kwemeza inzego zigize umuryango ;
- gushyira mu bikorwa ibyemezo n'ibyifuzo by'Inteko Rusange;

- kwita ku micungire ya buri muni y'ibikorwa by'umuryango;
- gukora raporo y'ibikorwa by'umwaka;
- gutegura ingengo y'imari igomba gushyikirizwa Inteko Rusange;
- gushyikiriza Inteko Rusange ingingo n'amabwiriza zigomba guhinduka;

- gutumiza Inteko Rusange;

- kugirana imishyikirano n'indi miryango hagamijwe ubutwererane no gushaka inkunga;

- Gushyiraho no gusezerera abakozi b'umuryango iyo bibaye ngombwa.

Ingingo ya 25: Manda

Abagize Komite Nyobozi batorwa n'Inteko Rusange mu banyamuryango nyakuri, manda yabo ikaba ari imyaka itatu (3) ishobora kongerwa.

Article 24: Duties

The duties of the Administration Council shall be:

- Establish and approval organs of the organization;
- to implement the decisions and recommendations of the General Assembly;
- to manage day-to-day activities of the Organization;
- to prepare an annual report;
- to elaborate the budget to be presented to the General Assembly;
- to propose modifications to the memorandum and articles of organization and internal rules and regulations;
- to convene meetings of the General Assembly;
- to negotiate co-operation and financial agreements with partners;

- to recruit and dismiss personnel employed by FHA when it is deemed necessary.

Article 25: Term of office

Members of the Administration council are elected from effective members of the Organization for a renewable term of three (3) years.

Article 26: Réunions et convocation

Le Conseil d'Administration se réunit une fois par mois, sur convocation et sous la direction du Président ou à défaut, du Vice-président. Il siège lorsque la majorité absolue des membres sont présents. Les décisions se prennent à la majorité simple.

Article 27: Résolutions

Les décisions du Conseil d'Administration sont prises par consensus. Là où il n'y a pas de consensus, les décisions sont prises à la majorité absolue des voix.

Section troisième : A propos des commissaires aux comptes

Article 28: Nomination des commissaires aux comptes

L'Assemblée générale nomme trois (3) commissaires aux comptes pour un mandat renouvelable de trois (3) ans, dont la mission est de vérifier les comptes et faire le contrôle de la gestion des avoirs de l'Organisation.

Article 29: Pouvoirs

Les commissaires aux comptes doivent avoir un accès illimité à toutes les opérations de l'Organisation. Ils peuvent consulter les livres de

Ingingo ya 26: Inama n'uko zitumizwa

Inama y'Ubuyobozi iterana rimwe mu kwezi. Ihamagarwa kandi ikayoborwa na Perezida wayo, yaba adahari cyangwa atabonetse, bigakorwa na Visi-Perezida. Iterana ku bwiganze busesuye bw'abayigize. Ibyemezo bifatwa ku bwiganze busanzwe.

Ingingo ya 27: Ifatwa ry'ibyemezo

Ibyemezo bya Komite Nyobozi bifatwa mu bwumvikane. Iyo hatabayeho ubwumvikane hakurikizwa ubwiganze bw'amajwi busesuye.

Igika cya gatatu: Ibyerekeye ubugenzuzi bw'imari

Ingingo ya 28: Ishyirwaho ry'abagenzuzi

Ubugenzuzi bw'imari bugizwe n'abantu batatu (3) batorwa mu banyamuryango nyakuri n'inteko rusange. Abagenzuzi bafite inshingano yo kugenzura imicungire n'imikorere y'umuryango kandi batorerwa igihe cy'imyaka itatu (3) ishobora kongerwa.

Ingingo ya 29: Ububasha

Abagenzuzi bafite uburenganzira bwose kubijyanye no kugenzura imikorere yose y'umuryango. Bashobora kwifashisha ibitabo byibaruramari,

Article 26: Meetings and convening

The Administration Council meets once in a month. It is convened and chaired by the President or in case of absence, by the Vice-President. It shall legally meet when the absolute majority of the members are present. Its resolutions are adopted by simple majority vote.

Article 27: Resolutions

Decisions of the Administration Council are taken by consensus. Where there is no consensus, decisions shall be decided by a majority of votes present.

Section three: About the auditors

Article 28: Appointment of auditors

The General Assembly shall appoint three (3) internal auditors for renewable term of three (3) years whose mission shall be to verify the accounts and control the management of the Organization's assets.

Article 29: Powers

Internal Auditors shall have an unlimited access to all Organization's operations. They may consult account books, correspondences,

comptes, correspondances, procès-verbaux et généralement tous les autres documents, mais sans les déplacer.

Article 30: Rapports

Les commissaires aux comptes doivent élaborer un rapport contenant le résultat de leur mission avec des suggestions qu'ils jugent appropriées et le soumettre à l'assemblée générale. et elles doivent être conformes aux normes internationales d'audit.

Section quatrième: De l'organe de résolution de conflit.

Article 31: Composition et nomination

L'organe de résolution de conflit est composé de trois personnes intègres élus parmi les membres effectifs de l'organisation par l'Assemblée générale. Les membres du comité élu entre eux le Président, vice président et le secrétaire.

Article 32: Pouvoir et responsabilité

Tout litige qui surgit au sein d'une organisation non-gouvernementale nationale ou entre les organes de cette dernière doit être préalablement réglé par l'organe de résolution des conflits.

A défaut de règlement par cet organe, la partie intéressée peut soumettre le litige à la juridiction rwandaise compétente.

inyankiko zirebana n'umuryango, inyandiko mvugo z'inama n'izindi nyandiko zitandukanye ariko batazinyanye hanze y'ububiko.

Ingingo 30: Raporo y'abagenzuzi

Raporo y'Abagenzuzi ihabwa Inteko Rusange, igomba kugaragaza ibikubiye mu bugenzuzi n'icyakorwa kugirango ibintu bigende neza kandi igomba kubahiriza amahame ngenderwaho mpuzamahanga y'ubugenzuzi bw'imari.

Igika cya kane: Urwego Nkemurampaka

Ingingo ya 31: Abayize n'uburyo bashyirwaho

Urwego nkemurampaka rugizwe n'abantu binyangamugayo batatu batorwa n'inteko rusange. Abatowe bitoramo Perezida, Visi perezida n'umunyamabanga.

Ingingo ya 32: Inshingano n'ububasha

Amakimbirane yose avutse mu muryango nyarwanda utari uwa Leta cyangwa hagati y'inzego zawo agomba kubanza gukemurwa n'urwego rushinzwe gukemura amakimbirane.

Iyo ubwo buryo bunaniranye, uruhande rubyifuje rushyikiriza ikirego urukiko rw'u Rwanda rubifitiye ububasha.

minutes and generally all other documents but without displacing them.

Article 30: Reporting

Internal Auditors shall report to the General Assembly the result of their mission with suggestions, which they deem appropriate and they must conform to international standards of audit.

Section four: Conflict resolution organ

Article 31: Composition and nomination

Conflict resolution organ is composed of three persons of integrity elected among effective members by the general assembly. The members of the committee elect among themselves the President, vice president and the secretary.

Article 32: Power and responsibilities

Any conflict that arises in the national non-governmental organization or among its organs shall be first resolved by the organ charged with conflict resolution.

In case that procedure fails, the concerned party may file a case to the competent court of Rwanda.

Section cinquième : Du Secrétariat Exécutif

Article 33:

Le Secrétariat Exécutif est constitué de l'ensemble des services administratifs et techniques de l'organisation.

Il est chargé de la gestion quotidienne de l'association et est dirigé par un Coordinateur recruté par le Conseil d'Administration et approuvé par l'Assemblée Générale.

Le Coordinateur est assisté par d'autres agents selon les moyens et les besoins de l'organisation.

L'organisation et le fonctionnement de la coordination ainsi que le régime du personnel sont déterminés par le règlement intérieur et par la législation en matière du travail et de la sécurité sociale.

CHAPITRE VI: DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES

Article 34: Dissolution

FHA peut être dissoute sur décision de la majorité des deux tiers de l'Assemblée générale.

Igika cya gatanu: Ubuhuzabikorwa

Ingingo ya 33:

Ubuhuzabikorwa bugizwe n'inzego z'imirimo y'ubuyobozi n'iza tekinike z'umuryango.

Bushinzwe imicungire y'umuryango ya buri muni kandi buyoborwa n'Umuhuzabikorwa ushyirwaho n'Inama y'Ubuyobozi kandi akemerwa n'Inteko Rusange.

Umuhuzabikorwa afashwa n'abandi bakozi bashyirwaho hakurikijwe amikoro y'umuryango n'ibikenewe.

Imiterere n'imikorere y'Ubuhuzabikorwa hamwe n'ibyerekeye abakozi biteganywa mu mabwiriza ngengamikorere y'umwihariko n'amategeko agenga umurimo n'ubwiteganyirize.

UMUTWE WA GATANDATU: INGINGO ZIHARIYE N'IZISOZA

Ingingo ya 34: Isezwa ry'umuryango

Byemejwe ku bwiganze bwa 2/3 by'amajwi, Inteko Rusange y'umuryango ishobora gusesa umuryango FHA.

Section five: The Executive Secretariat

Article 33:

The Executive Secretariat shall be composed of administrative and technical staff of the organisation.

It shall deal with the day-to-day management of the organisation and be headed by a Coordinator appointed by the Administration council and approved by the General Assembly.

Other servants appointed following the means and the needs of the organisation will assist the Coordinator.

The internal rules and regulations and the laws governing labour and social security shall determine the structure and organisation of the coordination as well as the status of the staff.

CHAPTER SIX: MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS

Article 34: Dissolution

FHA May be dissolved upon a two-third-majority decision of the General Assembly.

Article 35: Modification des statuts

La modification de ces statuts sera effectuée par une décision absolue des membres de l'Assemblée générale.

Article 36: Lois applicable

La mise en œuvre et l'interprétation de ces statuts se fera conformément aux lois en vigueur dans la République du Rwanda.

Tout ce qui n'est pas prévu dans ces statuts sera régi par les lois en vigueur dans la République du Rwanda et ainsi que les règlements d'ordre intérieurs adoptés par une résolution de la majorité des deux tiers de l'Assemblée générale.

Article 37: Adoption des statuts et l'acte constitutive

Les modifications de ces statuts sont approuvées et adoptés par les membres fondateurs l'organisation FHA

Fait à Rutsiro, le 12/08/2012.

Ingingo ya 35: Guhindura amategeko agenga umuryango.

Aya mategeko ashobora guhindurwa byemejwe n'Inteko Rusange kubwiganze busesuye bw'amajwi.

Ingingo ya 36: Amategeko akurikizwa

Ishyirwamubikorwa n'isobanura ry'aya mategeko shingiro bikorwa hashingiye ku mategeko y'igihugu cy' U Rwanda.

Ibidateganyije muri ay'amategeko shingiro, biteganwa n'amategeko y'igihugu n'amabwiriza ngengamikorere yemezwa ku bwiganze bwa 2/3 bw'amajwi by'abagize Inteko Rusange.

Ingingo ya 37: Kwemeza amategeko shingiro

Ihinduka ry'ingigo z'aya mategeko shingiro agenga Umuryango FHA yemejwe n'abanyamuryango bawushinze.

Bikorewe i Rutsiro, kuwa 12/08/2012.

Article 35: Modification of memorandum and articles of the organization.

Modification of this memorandum and articles of organization will be effected by an absolute decision of the members of the General Assembly.

Article 36: Laws to be applied

The implementation and interpretation of this memorandum and articles of association will be done in accordance with laws in force in the Republic of Rwanda.

As for whatsoever is not provided for in this memorandum and articles of association, it shall be governed by laws in force in the Republic of Rwanda and the Organization's internal rules and regulations adopted by a two-third majority resolution of the General Assembly.

Article 37: Adoption of the memorandum and articles of the organization.

The modifications of articles the organization's memorandum and articles are approved and adopted by the founder members of FHA.

Done in Rutsiro, on 12/08/2012.

Official Gazette n°17 of 27/04/2015

Le Représentant Légal de l'association
NYIRATUZA Madeleine (sé)

Umuwugizi w'umuryango
NYIRATUZA Madeleine (sé)

The Legal Representative of the association
NYIRATUZA Madeleine (sé)

Le Représentant Légal Suppléant
NYANDWI Sylvain (sé)

Umuwugizi Wungirije
NYANDWI Sylvain (sé)

The Deputy Legal Representative
NYANDWI Sylvain (sé)

Secrétaire - Trésorier
HABYARIMANA Siméon (sé)

Umunyamabanga n'Umubitsi
HABYARIMANA Simeón (sé)

Secretary-Treasurer
HABYARIMANA Simeón (sé)

ABANYAMURYANGO SHINGIRO B' UMURYANGO F.H.A

N°	Amazina	Umwirondoro	ID	Inshingano
1	NYIRATUZA Madeleine	PO Box 538 Gisenyi Tel. 0788852401 Email: nyiratuzam@gmail.com	1197670047454008	Présidente
2	NYANDWI Sylvain	PO Box 538 Gisenyi Tel. 0788888587 Email: sylnyapi@gmail.com	1198080043169024	Vice-Président
3	HABYARIMANA Siméon	PO Box 538 Gisenyi Tel. 0788592042 Email: hsimeon4@gmail.com	1197980065272013	Secrétaire- Trésorier

**INYANDIKO MVUGO Y'INAMA RUSANGE YA FOREST OF HOPE ASSOCIATION (FHA)
YATERANYE KU WA 12/08/2012 YEMEZA IVUGURWA RY'AMATEGEKO NO KUZUZA
INZEGO Z'UMURYANGO**

Inama rusange y'umuryango **FHA** yateraniye i Kinihira, **Umurenge wa Kigeyo, Akarere ka Rutsiro** ku wa **12/08/2012**, ishingiye ku itegeko n° 04/2012 ryo ku wa 17/02/2012 rigenga imitunganyirize n'imikorere by'imiryango nyarwanda itari iya Leta y'u Rwanda; ivuguruye amategeko shingiro agenga umuryango FHA no kuzuza inzego z'umuryango hakurikijwe amategeko.

Ibiri ku murongo w 'ibygwa

- Kuvugurura amategeko y'umuryango
- Kwakira abanyamuryango bashya
- Kuzuza inzego z'umuryango (urwego nkemurampaka n'urw' ubugenzuzi bw'imari n'imikorere y'umuryango)
- Ibindi

1. Kuvugurura amategeko

Abanyamuryango bashingiye ku kuba umuryango FHA warashinzwe mu kwezi kwa mbere 2012, itegeko N° 04/2012 ryo ku wa 17/02/2012 rigenga imitunganyirize n'imikorere by'imiryango nyarwanda itari iya Leta y'u Rwanda ritarajyaho; RGB ikaba isaba ko imiryango nyarwanda itari iya Leta ivugurura amategeko yayo ikayajyanisha n'iri tegeko rigenga imiryango nyarwanda itari iya Leta;

Dushingiye ku kuba umuryango FHA warashinzwe n'abantu batatu gusa bityo bakaba badashobora kuzuza inzego z'umuryango, abanyamuryango shingiro bumvikanye ko abantu basabye kuba abanyamuryango bemererwa kubabo kugira ngo buzuzwe inzego z'umuryango.

Abanyamuryango shingiro bemeje ko urwego nkemurampaka ruzaba rugizwe n'abantu batatu kimwe n'urwego rw' ubugenzuzi bw'imari n'imikorere y'umuryango, ariko abagize komite nyobozi ntibahindutse, aribo:

- NYIRATUZA Madeleine (Perezida)
- NYANDWI Sylvain (Visi Perezida)
- HABYARIMANA Siméon (Umunyamabanga akaba n'umubitsi)

2. Kwakira abanyamuryango bashya

Abanyamuryango shingiro bemeje ko abasabye kuba abanyamuryango bose bakiriwe mu muryango FHA bakaba bafite uburenganzira n'inshingano zimwe nabanyamuryango shingiro, bityo bakaba memereye gutora no kwiyamamaza.

Abo banyamuryango ni:

<u>N°</u>	<u>Amazina</u>	<u>CI</u>
1	SEBUTOZI Joseph	1196680030873030
2	NKURUNZIZA Gervais	1197980105725025
3	NYIRAGUHIRWA Jacqueline	1197970127524200

4	IRANKUNDA Marie Des Anges	1197770013851065
5	NKINAMUBANZI Fabien	1196780031542097
6	MANIRIHO Aristide	1197780068895064

3. Kuzuza inzego z'umuryango

3.1 Urwego nkemurampaka

Hatowe abakemurampaka ku buryo bukurikira:

N°	Amazina	Umwanya yatorewe	Amajwi agize	%
1	SEBUTOZI Joseph	Perezida	9	100
2	NKINAMUBANZI Fabien	Visi perezida	8	89
3	IRANKUNDA Marie Des Anges	Umunyamabanga	7	78

3.2 Urwego rw' ubugenzuzi bw'imari y'umuryango n'imikorere y'umuryango

Abanyamuryango batoye abantu ku buryo bukurikira:

N°	Amazina	Umwanya yatorewe	Amajwi agize	%
1	NKURUNZIZA Gervais	Perezida	9	100
2	NYIRAGUHIRWA Jacqueline	Visi perezida	8	89
3	MANIRIHO Aristide	Umunyamabanga	7	78

UMWANZURO

Inama yemeje ko abatowe bahita batangira kuzuza inshingano zabo nk'uko ziteganywa n'amategeko y'umuryango.

Umwanditsi w'Inama rusange yo ku wa 12/08/2012

HABYARIMANA Siméon (sé)

Umuyobozi w'Inama

NYIRATUZA Madeleine (sé)

**LISTE Y'ABANYAMURYANGO BA FHA BITABIRIYE INAMA RUSANGE YO KU WA
12/08/2012**

Amazina	Umwirondoro (telephone)	Icyo ashinzwe	CI
NYIRATUZA Madeleine	0788852401	Perezida nyobozi	1197670047454008
Nyandwi Sylvain	0788888587	Visi Perezida nyobozi	1198080043169024
HABYARIMANA Siméon	0788592042	Umunyamabanga-Mubitsi nyobozi	1197980065272013
SEBUTOZI Joseph	0788587748	Perezida nkemurampaka	1196680030873030
NKURUNZIZA Gervais	0788761659	Perezida ngenzuzi	1197980105725025
NYIRAGUHIRWA Jacqueline	0788737091	Visi Perezida ngenzuzi	1197970127524200
IRANKUNDA Marie Des Anges	0788417034	Umunyamabanga nkemurampaka	1197770013851065
NKINAMUBANZI Fabien	0788523863	Visi Perezida nkemurampaka	1196780031542097
MANIRIHO Aristide	0784656880	Umunyamabanga ngenzuzi	1197780068895064

ICYEMEZO CY'ABANYAMURYANGO SHINGIRO BA FHA BASHYIRAHU
UBUYOBOZI/ DECLARATION DES MEMBRES EFFECTIFS DE FHA

Twebwe, Abanyamuryango ba FHA duteraniye mu nama rusange yo ku wa 12/08/2012, twemeje ko Komite Nyobozi idahindutse bityo Madamu **NYIRATUZA Madeleine** akomeje kuba ari we Umuvugizi w'umuryango; **NYANDWI Sylvain**, Umuvugizi wungirije; **HABYARIMANA Siméon** nawe akomeje kuba umunyamabanga n'umubitsi w'umuryango.

Ku rwego nkemurampaka abanyamuryango batowe ni:

SEBUTOZI Joseph (Perezida)
NKINAMUBANZI Fabien (Visi perezida)
IRANKUNDA Marie des Anges (Umunyamabanga)

Ku rwego rushinzwe kugenzura imari n'imikorere y'umuryango, abanyamuryango batowe ni:

NKURUNZIZA Gervais (Perezida)
NYIRAGUHIRWA Jacqueline (Visi perezida)
MANIRIHO Aristide (Umunyamabanga)

Byemejwe kandi bishyizweho umukono n'abanyamuryango bitabiriye inama rusange bakurikira:

NYIRATUZA Madeleine **(sé)**
NYANDWI Sylvain **(sé)**
HABYARIMANA Siméon **(sé)**
SEBUTOZI Joseph **(sé)**
NKINAMUBANZI Fabien **(sé)**
IRANKUNDA Marie des Anges **(sé)**
NKURUNZIZA Gervais **(sé)**
NYIRAGUHIRWA Jacqueline **(sé)**
MANIRIHO Aristide **(sé)**

Bikorewe i Rutsiro, ku wa 12/08/2012

KWEMERA INSHINGANO KW'ABAYOBOZI BA FOREST OF HOPE ASSOCIATION (FHA)/ (Déclaration de la Représentante Légale)

Twebwe, **NYIRATUZA Madeleine**, Umuvugizi w'umuryango na **NYANDWI Sylvain**, Umuvugizi wungirije, twiyemeje ku bushake gukora imirimo yo guhagararira umuryango mu buryo bukurikije amategeko nk'uko twabitorewe n'inteko rusange ya FHA yo ku wa 12/01/2012.

Bikorewe i Rutsiro, ku wa 31/01/2012

1. **NYIRATUZA Madeleine**, Perezida akaba n'Umuvugizi w'umuryango (**sé**)
2. **NYANDWI Sylvain**, Visi perezida akaba n'Umuvugizi wungirije (**sé**)



Rwanda Governance Board
Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Imiyoborere
Office Rwandais de la Gouvernance



ICYEMEZO N°005/RBO GIHA UBUZIMAGATOZI UMURYANGO
"EGLISE ANGLICANE AU RWANDA/ DIOCESE DE GASABO"

Twebwe, Prof.SHYAKA Anastase, Umuyobozi Mukuru w'Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Imiyoborere,

Dushingiye ku Itegeko n° 06/2012 ryo kuwa 17/02/2012 rigena imitunganyirize n'imikorere by'imiryango ishingiyeye ku idini, cyane cyane mu ngingo zaryo za 21 na 22;

Dushingiye kandi ku ibaruwa twandikiwe kuwa 02/04/2014 n'umuyobozi w'umuryango **"EGLISE ANGLICANE AU RWANDA/ DIOCESE DE GASABO"** asaba ubuzimagatozi;

Tumaze kubona ko uyu muryango wujuje ibisabwa byose kugira ngo umuryango ushingiyeye ku idini uhabwe ubuzimagatozi nk'uko biteganywa n'ingingo ya 21 y'itegeko ryavuzwe hejuru;

Duhaye ubuzimagatozi umuryango **"EGLISE ANGLICANE AU RWANDA/ DIOCESE DE GASABO"** iki cyemezo kikazatangazwa mu Igazeti ya Repubulika y'u Rwanda.

Bikorewe i Kigali, kuwa 17/02/2015.

(sé)

Prof. SHYAKA Anastase
Umuyobozi Mukuru

UMURYANGO USHINGIYE KU IDINI RELIGIOUS-BASED ORGANISATION ORGANISATION FONDEE SUR LA RELIGION
"ITORERO ANGLIKANI MU RWANDA – "EGLISE ANGLICANE DU RWANDA – "ANGLICAN CHURCH OF RWANDA –
DIYOSEZE YA GASABO, EAR D/Gbo" DIOCESE DE GASABO, EAR D/Gbo" GASABO DIOCESE, EAR D/Gbo"

AMATEGEKO SHINGIRO

STATUTES

STATUTS

UMUTWE WA I:

IZINA RY'UMURYANGO, IGIHE UZAMARA, INTEGO, ICYICARO CYAWO N'AHU UKORERA

CHAPITRE I:

NAME, DURATION, MISSION, HEADQUARTERS AND ZONE OF ACTIVITIES

CHAPTER I:

DENOMINATION, DUREE, MISSION, SIEGE ET REGION D'ACTIVITES

Ingingo ya mbere: Izina ry'Umuryango n'igihe uzamara

Article one: The name of the Organization and duration

Article premier: Du nom de l'Organisation et de la durée

Abashyize umukono kuri aya mategeko shingiro bashinze umuryango ushingiyeye ku idini witwa "Itorero Anglikani mu Rwanda - Diyoseze ya Gasabo", mu magambo ahinnye y'igifaransa "EAR D/Gbo", ugengwa n'itegeko N°06/2012 ryo kuwa 17 Gashyantare 2012 ryerekeye imiryango ishingiyeye ku idini, hamwe n'aya mategeko shingiro. Umuryango uzamara igihe kitagenwe.

A religious-based organisation known as "Anglican Church of Rwanda – Gasabo Diocese, in short "EAR D/Gbo", is hereby formed. It will be regulated by these articles of association and in accordance with Law N°06/2012 of 17 February 2012 that regulates religious-based organisation.

Il est constitué entre les soussignés, une organisation fondée sur la religion, dénommée "Eglise Anglicane au Rwanda- Diocèse de Gasabo", en sigle "EAR D/Gbo", régie par les présents statuts et soumise aux dispositions de la loi N°06/2012 du 17 février 2012 relative aux organisations fondée sur la religion.

The organization is created for undetermined time.

L'organisation est créée pour une durée indéterminée.

Ingingo ya 2: Intego

Article 2: Mission

Article 2: Mission

Umuryango ufite intego zikurikira :

The missions of the organization are:

Les missions de l'organisation sont les suivantes:

- Kwamamaza Ubutumwa Bwiza bwa Yesu Kristo no kwigisha Ijambo ry'Imana nk'uko rigaragara muri Bibiliya;
- Gushyigikira ibikorwa biteza imbere abatwaga kugira ngo bagire imibereho myiza.

- To preach the Gospel of Jesus Christ and teach the Word of God as revealed in the Holy Bible;
- To support initiatives of social and economic actions for the wellbeing of the people.

- Prêcher l'Évangile de Jésus Christ et enseigner la Parole de Dieu comme révéérée dans la Bible ;
- Soutenir les initiatives d'actions sociales et économiques pour le bien-être de la population.

Ingingo ya 3: icyicaro

Icyicaro cy'umuryango kiri mu Mudugudu wa Rugero, mu Kagali ka Kibagabaga, Umurenge wa Kimironko, Akarere ka Gasabo, mu Mujyi wa Kigali.

Icyo cyicaro gishobora kwimurirwa ahandi mu mbibi z'aho umuryango ukorera byemejwe na bibiri bya gatatu (2/3) by'abagize Sinode ya Dioseze.

Ingingo ya 4: Aho ikorera

Imbibi za EAR D/Gbo ni aho Paruwasi na District zikorera. Aho ni mu Karere ka Gasabo mu mirenge ya: Gisozi, Kacyiru, Kimihurura, Remera, Kimironko, Kinyinya, Bumbogo, Nduba, Rutunga.

UMUTWE WA II:

**ABANYAMURYANGO
BIKORWA**

N'ABAGENERWA

Ingingo ya 5: Abanyamuryango

Abanyamuryango ba EAR D/Gbo ni abayoboke bose b'itorero Anglikani b'iyoyoseze bahagarariwe muri Sinode y'iyoyoseze. Baba abanyamuryango igihe babatijwe kandi bakemera amahame ya EAR.

Buri munyamuryango ashobora kuva mu muryango ku bushake bwe. Umunyamuryango ashobora gukurwa mu muryango iyo yitandukaniye n'imyizerere n'amahame ya EAR n'ay'iyoyoseze.

Article 3: Headquarters

The Headquarters of the organization is in Rugero village, cell of Kibagabaga, Sector Kimironko, District of Gasabo, in Kigali City.

Nevertheless, the headquarters can be transferred to another location within the limits after 2/3 majority decision of the Diocesan Synod.

Article 4: Zone of Activities

The Zone of the activities of the EAR D/Gbo is equal to the limits of Parishes and the District in which they exercise their activities. It is in Gasabo District, in the following sectors: Gisozi, Kacyiru, Kimihurura, Remera, Kimironko, Kinyinya, Bumbogo, Nduba and Rutunga.

CHAPTER II:

MEMBERS & BENEFICIARIES

Article 5: Membership

Members of the EAR D/Gbo are all Anglican believers, members of the Gasabo Diocese who are represented in the Diocesan Synod. Membership is effectively acquired at baptism.

Every member can voluntarily withdraw from membership of the Diocese. He/she can also be excluded from the Diocese when there is failure to conform to canonical laws and principles of the

Article 3: Du Siège

Le siège de l'organisation est établi dans le village de Rugero, la Cellule de Kibagabaga, Secteur de Kimironko, District de Gasabo, dans la Ville de Kigali.

Ce siège peut être transféré en tout autre endroit dans les limites où l'organisation exerce ses activités sur décision de 2/3 des membres du Synode Diocésain.

Article 4: Région d'activités

Les limites de l'EAR D/Gbo sont celles des limites des Paroisses et du District où elles exercent ces activités. C'est dans le District de Gasabo dans les Secteurs de : Gisozi, Kacyiru, Kimihurura, Remera, Kimironko, Kinyinya, Bumbogo, Nduba et Rutunga.

CHAPITRE II :

DES MEMBRES ET BENEFICIAIRES

Article 5: Des Membres

Les membres de l'EAR D/Gbo sont tous les fidèles Anglicans de ce Diocèse représentés dans le Synode Diocésain. Ils deviennent membres lors de leur baptême et de leur croyance des principes de l'EAR.

Chaque membre peut quitter le Diocèse par sa propre volonté. Le membre peut être exclu du Diocèse lorsqu'il ne se conforme plus aux lois canoniques et principes de l'Eglise Anglicane au Rwanda et celles

Uburyo akurwamo buteganywa n'amategeko y'umwihariko ya EAR D/Gbo.

Muri rusange, abanyamuryango bose bagira uburenganzira n'inshingano bingana.

Ingingo ya 6: Abagenerwabikorwa

Abagenerwabikorwa ni abanyamuryango bose ba EAR-D/Gbo n'abandi baturage batuye mu mbago z'aho ikorera.

UMUTWE WA III: INZEGO

Ingingo ya 7: Inzego za EAR D/Gbo

Inzego za Diyoseze ya Gasabo ni izi zikurikira:

- Sinode ya Diyoseze (Inama Rusange)
- Inama ya Diyoseze (Inama y'Ubutegetsi)
- Ubugenzuzi ;
- Urwego rushinzwe gukemura amakimbirane.

Ingingo ya 8: Sinode ya EAR D/Gbo

Sinode ya Diyoseze ni rwo rwego rukuru rwa EAR D/Gbo, bitabangamiye ububasha Umwepiskopi Mukuru ahabwa n'amategeko n'amahame ya EAR.

Sinode ya Diyoseze ni yo ishingira amategeko shingiro, amabwiriza, n'amategeko y'umwihariko ayobora imigendekere myiza y'iyi Diyoseze.

Ayo mategeko, amabwiriza n'amategeko y'umwihariko aba amategeko yo gukurikizwa n'abayoboze bose ba EAR D/Gbo iyo byemejwe kandi bihamijwe na 2/3

Anglican Church of Rwanda and those of this Diocese. The process of exclusion is done according to internal regulations of the EAR D/Gbo.

In general, all members of the association have equal rights and obligations.

Article 6: The beneficiaries

These are all members of EAR-D/Gbo and the community at large within its geographical coverage.

CHAPTER III: ORGANS

Article 7: The Organs of the EAR D/Gbo

The Organs of the Gasabo Diocese are as follow:

- The Diocesan Synod (General Assembly);
- The Diocesan Council (Board);
- Audit Committee;

Organ of conflict resolution.

Article 8: Diocesan Synod

The Synod is the highest organ of the EAR D/Gbo, without prejudice to the prerogatives given to the Archbishop.

The Diocesan Synod establishes the laws, instructions and internal regulations that govern the life of the Diocese.

Those laws, instructions and internal regulations become binding to members of the EAR D/Gbo when they are confirmed and affirmed by the

de ce Diocèse. Le processus d'exclusion se fait conformément aux règlements internes de l'EAR D/Gbo.

En général, tous les membres ont les mêmes droits et obligations.

Article 6: Les bénéficiaires

Ce sont tous les membres de l'EAR-D/Gbo ainsi que la communauté élargie vivant dans la circonscription dudit Diocèse.

CHAPITRE III: DES ORGANES

Article 7: Des Organes de l'EAR D/Gbo

Les organes du Diocèse de Gasabo sont les suivants:

- Le Synode Diocésain (Assemblée Générale)
- Le Conseil Diocésain (Conseil d'Administration);
- Le Commissariat aux comptes ;
- L'Organe de résolution des conflits.

Article 8: Du Synode Diocésain

Le Synode du Diocèse est l'organe suprême de l'EAR D/Gbo, sans préjudice aux prerogatives de l'EAR données à l'Archevêque.

Le Synode Diocésain établit des lois, des instructions et des règlements internes qui gouvernent le bon fonctionnement du Diocèse.

Ces lois, instructions et règlements internes doivent être appliqués par tous les membres effectifs de l'EAR D/Gbo lorsqu'ils sont approuvés à la fois par l'Evêque

by'abari mu nama ya sinode kandi byemejwe n'Umwepiskopi Mukuru wayo.

Ingingo ya 9: Guterana kwa Sinode

Sinode ya Diyoseze iterana iyo hari nibura bibiri bya gatatu (2/3) by'abantu bose bagomba kuyizamo. Ibyemezo byayo bifatwa hakurikijwe ubwiganze bw'amajwi y'abaje mu nama. Ku birebana n'ibya Gahunda n'imyizerere y'Itorero, Umwepiskopi afata umwanzuro wa nyuma ku nyungu z'Itorero.

Ingingo ya 10: Abagize Sinode ya Diyoseze

Sinode ya Diyoseze igizwe na:

- Umwepiskopi wa EAR D/Gbo
- Abavugizi babiri bungirije ba Diyoseze
- Abajyanama 4 b'Umwepiskopi
- Abacidikoni bose;

Intumwa 5 za Paruwasi zizizwe n'aba bakurikira:

1. Pastori uyobora Paruwasi
 2. Umukuru w'abakristo
 3. Umuyobozi w'Abategarugori muri Paruwasi
 4. Uhagarariye uruburako
 5. Umwarimu uhagarariye abandi muri buri Paruwasi.
- Umuntu umwe uhagarariye icyiciro cy'amashuri (Abanza, ayisumbuye n'amakuru) muri EAR D/Gbo

Diocesan Bishop, together with 2/3 majority of the participants to the Synod.

Article 9: The Synod meeting

The meeting of the Diocesan Synod can effectively be held when at least two-third majority (2/3) of all who have to attend are present. The Synod resolutions are taken based on the simple majority of votes of those present, in the area of Order and Faith, the Bishop can make final decisions for the interest of the Church

Article 10: Members of the Diocesan Synod

The members of the Diocesan Synod are as follow:

- Bishop Gasabo Diocese;
- Deputy Legal Representatives;
- 4 Bishop's Advisors;
- All Archdeacons

5 Delegates from each Parish of Gasabo Diocese made up of the following members:

1. Pastor leading the Parish;
 2. Lay leader from every Parish;
 3. Mothers' Union Parish President;
 4. Youth Representative;
 5. Catechist's Representative from every Parish.
- Representative of each school level (primary, secondary and university) from EAR D/Gbo

du Diocèse et par les 2/3 des membres présents au synode.

Article 9: Des Réunions du Synode

Le Synode Diocésain siège valablement lorsqu'au moins 2/3 des membres effectifs sont présents à sa réunion. Ses décisions sont prises à la majorité simple des membres présents. En ce qui concerne l'Ordre et la Foi de l'Eglise, l'Evêque, pour les intérêts de l'Eglise, prend la dernière décision.

Article 10: Membres du Synode Diocésain

Les membres du Synode Diocésain sont:

- L'Evêque du Diocèse de Gasabo
- Deux Représentants Légaux Suppléants du Diocèse
- 4 Conseillers de l'Evêque
- Tous les Archidiacres;

5 délégués des membres des Paroisses qui sont constitués par :

1. Le Pasteur qui dirige la paroisse
 2. Le (a) Président (e) des Laïques
 3. Présidente de la Mothers' Union Parish
 4. Représentant des jeunes
 5. Représentant des autres Catéchistes de chaque Paroisse.
- Un (e) Représentant (e) de chaque étape scolaire (primaires, secondaires et universités) de l'EAR D/Gbo

Official Gazette n°17 of 27/04/2015

- Umuyobozi w'Umuryango w'abategarugori mu rwego rwa Diyoseze;
- Umunyamabanga wa Diyoseze n'umubitsi.

Ingingo ya 11: Igihe Sinode iteranira

Sinode ya Diyoseze itumizwa kandi ikayoborwa n'Umwepiskopi wa Diyoseze.

Sinode isanzwe ya Diyoseze itumizwa nibura hasigaye iminsi mironko itatu (30) mbere yuko iterana.

Sinode isanzwe iterana rimwe mu myaka ibiri.

Sinode idasanzwe ya Diyoseze itumizwa igihe cyose habonetse impamvu zihutirwa mu muryango.

Itumizwa nibura hasigaye iminsi 15 mbere yuko iterana.

Iyo Umwepiskopi wa Diyoseze atabonetse, inama ya Sinode itumizwa na Duwaye wa province y'Itorero Anglikani mu Rwanda kandi akaba ari we uyiyobora.

Ingingo ya 12: Inshingano za Sinode

- Gutora Abakemurampaka
- Gutora Abagenza b'ibibazo
- Kwemeza no guhindura amategeko agenga EAR D/Gbo n'amategeko yayo y'umwihariko;
- Kugena gahunda y'ibikorwa rusange bya Diyoseze;
- Gutora no gukuraho abavugizi bungirije ba Diyoseze;
- Gufata imyanzuro ku kibazo cyose kirebana

- Diocesan Mothers' Union President;
- Diocesan Secretary and Diocesan Treasurer.

Article 11: Periodicity of Synod Meetings

The Diocesan Synod meeting is convened and chaired by the Diocesan Bishop.

The Diocesan ordinary Synod is convened within a period of 30 days.

The ordinary Synod meets once two years.

The Diocesan Extraordinary synod is convened any time urgent cases occur in the organization.

It is convened within a period of 15 days

In case of the absence of Diocesan Bishop, the Diocesan Synod meeting is convened and chaired by the Dean of Province of the Anglican Church of Rwanda.

Article 12: Synod's Responsibilities

- Elect Conflict Mediators
- Elect conflict investigators
- Approve and amend the statutes and the internal regulations of the EAR D/Gbo ;
- Plan the general orientation of activities of Diocese;
- Elect and revoke Diocesan's Deputy legal representatives;
- Make decision for each problem concerning the

- Présidente de Mothers'Union du Diocèse ;
- Secrétaire Diocésain et le Trésorier.

Article 11: De la périodicité des réunions synodales

Le Synode Diocésain est convoqué et présidé par l'Evêque du Diocèse.

Le Synode Diocésain ordinaire est convoqué dans les trente jours (30jours) avant qu'il tienne une session synodale.

Le Synode ordinaire se réunit une fois les deux ans.

Le Synode Diocésain extraordinaire est convoqué chaque fois que les cas urgents se présentent dans l'organisation.

Il est convoqué du moins 15 jours avant qu'il tienne sa session.

En cas d'absence ou d'empêchement de l'Evêque du Diocèse, la réunion du Synode est convoquée et présidée par le doyen de la province de l'Eglise Anglicane au Rwanda.

Ingingo ya 12 : Les attributions du Synode

- Elire les Mediateurs des conflits
- Elire les investigateurs des conflits
- Approbation et modifier les Statuts et Règlement d'ordre intérieur de l'EAR D/Gbo ;
- Déterminer les activités générales du Diocèse ;
- Elire et révoquer les Représentants Légaux Suppléants du Diocèse ;
- Prendre des décisions concernant la croyance

Official Gazette n°17 of 27/04/2015

- | | | |
|---|--|--|
| <p>n'imyemerere shingiro ya Diyoseze cyangwa ikindi kibazo cyose cyerekeye imikorere ya Diyoseze;</p> <ul style="list-style-type: none">- Kwemeza buri mwaka imicungire y'imari;- Kwemera impano n'indagano;- Gusesa umuryango. | <p>Diocesan fundamental Faith or others concerning the usual activities of the Diocese;</p> <ul style="list-style-type: none">- To approve the annual budget of the association;- To accept donations and legacies;- To dissolve the organisation. | <p>fondamentale du Diocèse ou bien d'autre concernant les activités quotidiennes du Diocèse ;</p> <ul style="list-style-type: none">- Approbation des comptes annuels ;- Aceptation des dons et legs ;- Dissolution de l'organisation. |
|---|--|--|

Ingingo ya 13: Inama ya Diyoseze n'uko iterana

Inama ya Diyoseze ni urwego rw'ubuyobozi rwa Sinode ya Diyoseze.
Itumizwa kandi ikayoborwa n'Umwepiskopi wa Diyoseze.
Itumizwa nibura hasigaye iminsi cumi n'itanu mbere yuko iterana.

Inshingano z'Inama ya Diyoseze:

- Gushyira mu bikorwa ibyemezo n'ibyifuzo bya Sinode ya Diyoseze;
- Gushyikiriza Sinode ya Diyoseze ibitekerezo byose bishobora gufatwa ho ibyemezo bigamije guteza imbere EAR D/Gbo;
- Kwemeza imishinga migari y'imirimo iteza imbere Diyoseze
- Kwemeza amashami agize Diyoseze no gushyiraho abayobozi bayo
- Gusuzuma raporo y'imari y'umwaka igezwaho n'umucungamari wa Diyoseze;
- Mu izina rya Sinode, yemeza raporo y'imari n'iy'imicungire y'umutungo wa Diyoseze.

Iterana iyo abagize bibiri bya gatatu (2/3) babonetse.

Article 13: Diocesan Council and his Meeting

The Diocesan Council is the Executive Council of the Diocesan Synod.
It is convened and chaired by the Bishop of the Diocese.
It is convened at least 15 days before the meeting.

Responsibilities of the Diocesan Council:

- Implementing the decisions and recommendations of the Diocesan Synod;
- Making recommendations to the Diocesan Synod for decisions that should be taken for the interest of the EAR D/Gbo;
- Approve the long term projects for Development of Diocese
- Determine the Diocesan Departments and Recruit their Directors.
- Examine annual financial report prepared by the Diocesan accountant;
- In the name of Synod, it approves the financial reports and the management of the property of the Diocese.

It meets if 2/3 of members are present.

Article 13: Du Conseil Diocésain et de sa réunion

Le Conseil Diocésain est un organe exécutif du Synode Diocésain.
Il est convoqué et dirigé par l'Evêque du Diocèse.
Il est convoqué du moins 15 jours avant qu'il tienne sa session.

Les attributions du Conseil Diocésain:

- Exécuter les décisions et les recommandations du Synode diocésain;
- Proposer au Synode Diocésain toute décision à prendre pour l'intérêt général de l'EAR D/Gbo;
- Approbation des grands projets de développement du Diocèse ;
- Déterminer les départements du Diocèse et admettre leurs directeurs ;
- Examiner le rapport financier annuel qui est préparé par le (la) comptable du Diocèse;
- Au nom du Synode, il Approuve le rapport financier et de gestion du patrimoine du Diocèse .

Il siège et délibère valablement lorsque les 2/3 de membres sont présents.

Iterana mu buryo busanzwe nibura rimwe mu mwaka ariko ishobora guterana ku buryo budasanzwe igihe cyose ari ngombwa byemejwe n'Umuyobozi wayo.

It holds its ordinary meeting at least once a year. Nevertheless, it can hold extraordinary meetings anytime the interest of the Diocese requires so, and upon the approval of the Diocesan Bishop.

Il se réunit ordinairement une fois par an mais il peut se réunir d'une façon extraordinaire en cas de nécessité après approbation de son Dirigeant.

Ingingo ya 14: Abagize Inama ya Diyoseze n'igihe iteranira.

Article 14: Members of the Diocesan Council and his Meeting

Article 14: Des membres du Conseil Diocésain et de sa réunion.

Inama ya Diyoseze igizwe n'aba bakurikira:

- Umwepiskopi wa Diyoseze;
- Abavugizi bungirije babiri;
- Abacidikoni bose;
- Abapastori bahagarariye abandi muri Diyoseze ;
- Umunyamabanga wa Diyoseze n'umucungamari;
- Umuyobozi w'Umuryango w'abategarugori ku rwego rwa Diyoseze n'aba za Districts;
- Umwarimu umwe n'umukuru w'abakristo umwe muri Districts zigize Diyoseze.

The Diocesan Council is composed of the following Persons:

- The Diocesan Bishop
- Two Deputies Legal representatives
- All Archdeacons
- All Area Deans in the Diocese
- The Diocesan Treasurer and Diocesan Secretary
- The President of Mothers' Union in the Districts level and in the Diocese level
- One catechist from each District and one lay delegate from each Ecclesial Districts of the Diocese.

Le Conseil Diocésain est constitué par les personnes suivantes:

- L'Evêque du Diocèse;
- Les deux représentants légaux suppléants
- Tous les Archidiacres;
- Tous les Pasteurs doyens du Diocèse;
- Le (la) secrétaire et le (la) comptable Diocésain;
- La Présidente de l'Union des Mères au niveau du District et du Diocèse;
- Un catéchiste et un (e) Président (e) des membres chrétiens provenant des Districts du Diocèse.

UMUTWE WA IV: UKO UMUNTU ABA UMUYOBOZI N'UKO ABITAKAZA

CHAPTER IV: BEING AND LOSS OF LEADER

CHAPITRE IV: ETRE ET PERDRE LA QUALITE DE LEADER

Ingingo ya 15: Ibishingirwaho kugira ngo umuntu abe umuyobozi

Article 15: Criteria for being a leader

Article 15: Critères pour être un leader

Kugira ngo umuntu abe umuyobozi mu Itorero Angilikani mu Rwanda Diyoseze ya Gasabo, agomba kuba yujuje ibi bikurikira :

To be a leader in Anglican Church of Rwanda Gasabo Diocese , a person must fulfill the following requirements:

Pour être un leader dans l'Eglise Anglicane du Rwanda – Diocèse Gasabo, une personne doit remplir les conditions suivantes :

Ari Umukrisito wizerwa kandi w'inyangamugayo ; afite imyaka y'ubukure (nibura imyaka cumi n'umunani y'amavuko) ; kuba atarahamwe n'icyaha cya jenocide, icy'ingengabitekerezo ya jenocide, icy'ivangura n'icyo

Be a faithful Christian of integrity; be a majority age (being at least eighteen years old); have not been sentenced for the crime of genocide, genocide ideology, discrimination and propagation of

Etre une personne intègre et de confiance ; avoir atteint l'âge de la majorité (être âgé de dix-huit ans au moins); n'avoir pas été condamné pour crime de génocide, d'idéologie du génocide, de discrimination

gukurura amakimbirane mu Itorero no mu muryango nyarwanda; atarakatiwe ku buryo budasubirwaho igihano cy'iremezo cy'igifungo kingana cyangwa kirenze amezi atandatu kitarahanagurwa n'imbabazi z'iteka cyangwa ihanagurabusembwa ; kuba ari umunyamuryango w'Itorero Angilikani mu Rwanda.

Ingingo ya 16 : Uburyo umuntu atakaza kuba umuyobozi

Umuntu areka kuba umuyobozi iyo :

Agejeje igihe cyo kujya mu zabukuru ; amasezerano y'umurimo arangiye ; manda ye irangiye ; yeguye ; amugaye burundu ; yirukanywe n'urwego rubifitite ububasha ; apfuye.

Ingingo ya 17: Umwepiskopi

EAR D/Gbo iyoborwa n'Umwepiskopi Mukuru wa PEAR.

Kuri urwo rwego ni we uhagarariye EAR D/Gbo nk'Umwepiskopi wayo.

Umwepiskopi Mukuru afashwa n'abahagarariye EAR D/Gbo bungirije babiri batorwa na Sinode ya Diyoseze hakurikijwe amategeko yayo y'umwihariko.

Ingingo ya 18: Itorwa ry'Umwepiskopi Mukuru

Umwepiskopi Mukuru atorwa n'Inama y'Abepiskopi bayobora za Diyoseze za Provinsi (PEAR). Kandi ubitorerwa agomba kuba afite Diyoseze ayobora muri PEAR. Agomba kuba afite nibura imyaka mirongo itanu n'itanu (55) y'amavuko kandi atarengeje imyaka mirongo itandatu n'itanu (65) y'amavuko.

conflicts in the Church and in the Rwandan Society; have not been definitively sentenced to a main penalty of imprisonment of not less than six months which is not crossed by amnesty or rehabilitation; be full active member of Anglican Church of Rwanda.

Article 16: Loose of leader

A leader loses the position of being a leader when:

he reaches the age of retirement; at the expiration of the contract; his/her term reaches its end; resigns; is completely disabled; is dismissed by the competent organ; dies.

Article 17: The Bishop

EAR D/Gbo is under the leadership of Archbishop of PEAR.

On that level, he is the Legal Representative of the EAR D/Gbo like its Bishop.

The Archbishop is assisted by two Deputy Legal representatives elected by the Diocesan Synod according to its internal regulations.

Article 18: Election of the Archbishop

The Archbishop is elected by the House of Bishops leading Dioceses of the Province (PEAR). The candidate must be a Diocesan Bishop of PEAR. He must be a least 55 years old and should not be more than 65 years old.

et de propagation des conflits dans l'Eglise et dans la société rwandaise; n'avoir pas été définitivement condamné à une peine principale d'emprisonnement supérieure ou égale à six (6) mois qui n'a pas été rayée par l'amnistie ou la réhabilitation; Etre membre actif de l'Eglise Anglicane au Rwanda.

Article 16: De la perte de la qualité de leader

Une personne perd la qualité d'être leader lorsque :

Elle arrive à l'âge de retraite ; arrive à l'expiration du contrat ; démissionne ; est complètement handicapée ; est renvoyée par un organe compétent ; décède.

Article 17: De l'Evêque

EAR D/Gbo est administrée par un Archevêque de la PEAR.

A ce titre, il est le représentant légal de l'EAR D/Gbo comme son Evêque.

L'Archevêque est assisté par deux représentants légaux suppléants choisis par le synode diocésain conformément aux leur règlements internes.

Article 18: De l'Election de l'Archevêque

L'Archevêque est élu par le Collège des Evêques Diocésains qui dirige les Diocèses de la Province (PEAR). Le candidat lui-même doit être un Evêque Diocésain de PEAR. Il doit être âgé de 55 ans au moins et ne doit pas dépasser l'âge de 65 ans.

Imirimo y'Umwepisikopi Mukuru ihinduka ari uko : (a) yeguye ku mirimo ye; (b) yujuje imyaka 65 y'amavuko; (c) amaze imyaka icumi (10) muri uwo murimo.

Bityo icyabanza muri ibi uko ari bitatu nicyo gikurikizwa.

Igihe Umwepisikopi Mukuru yeguye kuri uwo murimo, agomba kubishyikiriza mu nyandiko Duwaye wa Provensi nawe akabishyikiriza Inama y'Abepisikopi.

Ingingo ya 19: Guhagarika no Gusezerera Umwepisikopi Mukuru ku mirimo ye

Umwepisikopi Mukuru ntashobora kumara igihe kirenze iminsi mirongo itatu (30) hanze ya Provensi, bitari mu buryo buteganyijwe n'amategeko ngengamikorere y'Iterero. Ashobora gusezererwa cyangwa guhagarikwa ku mirimo ye mu buryo no ku mpamvu ziteganyijwe n'amategeko ngenga mikorere ya Provensi (PEAR).

Ingingo ya 20: Inshingano z'Umuvugizi wa EAR D/Gbo

Umuvugizi wa EAR D/Gbo afite inshingano zikurikira:

- Akora uburyo bwose bwatuma intego zivugwa mu ingingo ya 2 y'aya mategeko zigerwaho mu mahoro n'ubumwe bwa bose.
- Atumira kandi akayobora inama nkuru za Diyoseze. Iyo adahari bitewe n'impamvu nk'uburwayi, urupfu, gusezera ku murimo n'ibindi, icyo gihe izo nzego zitumirwa kandi zikayoborwa na Duwaye wa PEAR.

The work of the Archbishop ends: (a) when he resigns; (b) when he reaches 65 years of age; (c) or when he completes 10 years as Archbishop

Either of the three causes that comes first is enough to end his work.

When the Archbishop resigns, he must do so in writing and hand the resignation letter to the Dean of the Province who, in turn, hands the letter to the House of Bishops.

Article 19: Suspension and Dismissal of the Archbishop

The Archbishop cannot be absent from the Province for more than thirty (30) days unless it conforms with the canons of the Church. He can be dismissed or suspended in accordance with the canons of the Province (PEAR).

Article 20: Particular Responsibilities of the Legal Representative of the EAR D/Gbo

The responsibilities of the Legal Representative of the EAR D/Gbo are:

- To strive for the successful and peaceful achievement of the objectives stated in article 2 of this constitution in a spirit of unity.
- To call for and chair the meetings of the Diocesan Synod and the Diocesan Council. In case of his absence due to reasons such as sickness, death, resignation, and others, these councils are called for and chaired by the Dean

Le travail de l'Archevêque cesse : (a) lorsqu'il démissionne; (b) lorsqu'il atteint l'âge de 65 ans ; (c) ou après dix ans de service en tant que Archevêque.

L'une quelconque de ces trois causes qui s'accomplit avant les autres suffit pour mettre fin à son travail. Lorsque l'Archevêque démissionne, il doit le signifier par écrit au Doyen de la Province. Celui-ci à son tour remet la lettre au Collège des Evêques.

Article 19: Suspension et renvoi définitif de l'Archevêque

L'Archevêque ne peut pas dépasser trente jours en dehors de la Province pour des raisons non prévues dans les canons de l'Eglise. Il peut être suspendu ou renvoyé définitivement de ses fonctions suivant les modalités et les raisons définies par les canons de la Province (PEAR).

Article 20: Des attributions propres au Représentant Légal de l'EAR D/Gbo

Le Représentant Légal de l'EAR D/Gbo a Les attributions suivantes:

- Faire en sorte que les objectifs définis à l'article 2 des présents statuts soient atteints dans la paix et l'unité de tous.
- Convoquer et présider les Synodes Diocésains et Conseils diocésains. En cas de son absence dû à diverses raisons telles que la maladie, le décès, la démission et autres, ces organes sont convoqués et présidés par le Doyen du PEAR.

of the PEAR.

- Mu gihe abo bombi badahari, Inama itumizwa kandi ikayoborwa n'Umwepiskopi urusha abandi uburambe mu buyobozi bwa Diyoseze mu zigize PEAR.
- Umuvugizi wa EAR D/Gbo afata ibyemezo byose no kwibwiriza gukora ikintu cyose cyateza imbere EAR D/Gbo ahagarariye, kandi akabikora mu buryo buhujye n'aya mategeko n'andi mategeko y'umwihariko agenga iyi Diyoseze
- When both the Archbishop and the Dean are absent, the said organs are called for and chaired by the Bishop with longer Diocesan service among the Dioceses of PEAR.
- The Legal Representative of the Organization makes all decisions and takes initiatives in the interest of the EAR D/Gbo and in conformity with this constitution and internal rules of the Diocese.
- Si ces deux sont absents, lesdits organes sont convoqués et présidés par le plus ancien en fonction d'Evêque Diocésain parmi les Diocèses du PEAR.
- Le Représentant Légal de l'EAR D/Gbo prendre toute décision et initiative pour l'intérêt de l'EAR D/Gbo en conformité avec l'esprit des présents statuts ainsi que les règlements internes de ce Diocèse.

Ingingo ya 21: Ibishingirwaho kugira ngo umuntu abe Umuvugizi wungirije

Umuvugizi wa mbere wungirije atorwa na Sinode ya Diyoseze mu Bapasitori bujuye ibi bikurikira: Bafite nibura imyaka mirongo itatu y'amavuko, bafite impamyabumenyi y'icyiciro cya mbere cy'amashuri makuru muri tewoloji, ari intangarugero mu myemerere no mu mikorere, badafitanye isano ya hafi n'Umushumba wa Diyoseze.

Umuvugizi wa kabiri wungirije atorwa na Sinode ya Diyoseze mu Balayiki bujuye ibi bikurikira:

Bafite nibura imyaka mirongo itatu y'amavuko, bafite nibura impamyabumenyi y'icyiciro cya kabiri cy'amashuri makuru, bafite ubwitonzi n'ubushishozi mu mikorere no mu myitwarire, badafitanye isano ya hafi n'Umushumba wa Diyoseze ndetse n'Umuvugizi wa mbere wungirije.

Article 21: Criteria for being a Deputy Legal Representative

The first Deputy Legal Representative is elected by the Diocesan Synod among Pastors fulfilling the following criteria: Having at least thirty years old, having at least a diploma in theology, being a model in having firm faith and the better conduct, not having a close blood relationship with the Diocesan Bishop.

The second Deputy Legal Representative is elected by the Diocesan Synod among lay Christian fulfilling the following criteria:

Having at least thirty years old, having at least a bachelors Degree, being kind careful in doing and better conduct, no having a blood relationship with the Diocesan Bishop and the first Deputy Legal Representative.

Article 21 : Des critères pour être un Représentant Légal Suppléant

Le premier Représentant Légal Suppléant est élu par le Synode Diocésain parmi les Pasteurs remplissant les conditions suivantes : Etre âgé au moins de trente ans, avoir au moins une licence en théologie, être exemplaire dans la foi ferme et avoir une bonne conduite, ne pas avoir des relations consanguines avec l'Evêque Diocésain.

Le second Représentant Suppléant est élu par le Synode Diocésain parmi les laïcs remplissant les conditions suivantes :

Etre âgé de trente ans au moins, avoir au moins une licence, être gentil, prudent et de bonne conduite, ne pas avoir des relations consanguines avec l'Evêque ni avec le premier Représentant suppléant.

Ingingo ya 22: Uburyo umuntu areka kuba Umuvugizi wungirije

Umuvugizi wungirije areka inshingano ze ari uko: Arangije igihe yatorewe; yeguye; ahagaritswe na Sinode kubera imikorere ye mibi cyangwa se apfuye.

Ingingo ya 23: Ubugenzuzi bw'imari

Sinode ya Diyoseze ishira Abagenzuzi b'imari babiri bafite inshingano yo kugenzura buri gihe imicungire y'imari n'indi mitungo by'umuryango no kuyikorera raporo. Manda yabo ni imyaka ibiri ishobora kongerwa.

Bafite uburenganzira bwo kureba mu bitabo n'inyandiko z'ibaruramari z'umuryango ariko batabijyanye hanze y'ububiko.

UMUTWE WA V: INZEGO N'UBURYO BYO GUKEMURA AMAKIMBIRANE

Ingingo ya 24: Gushyiraho amatsinda

Mu rwego rwo gukemura amakimbirane Sinode ya Diyosezi izatora itsinda ry'abantu (5) rizaba rishinzwe gukora iperereza, yongere itore abandi batanu (5) bashinzwe gukemura amakimbirane. Aya matsinda yombi akuriwe n'akanama k'Abacidikoni.

Ingingo ya 25: Igihe amatsinda amara

Abantu batanu bashinzwe gukemura amakimbirane bazatorerwa manda y'imyaka ine (4) ishobora kongerwa

Article 22: Loss of Deputy Legal Representative

The Deputy Legal Representative loses his/her duties: At the end of his/her term; he/she resigns; he/she is dismissed by the Synod at his/her incapability; he/she dies.

Article 23: Audit Committee

The Diocesan Synod appoints two Auditors who are charged with auditing the use of the organisation's funds and other assets, upon which they make a report. Their term is two year renewable.

They shall have access to, without displacing, any documents and financial records of the organisation.

CHAPTER V: ORGANS AND MECHANISMS OF CONFLICTS RESOLUTION

Article 24: Setting up Teams

In the process of conflict resolution, the Diocesan Synod shall elect five (5) people in charge of investigation, and other five (5) people in charge of conflict resolution. The two teams are under the responsibility of the Archdeacons' Council.

Article 25: Term for Service of Teams

The team of five people in charge of conflict resolution shall serve for a four-year term renewable

Article 22: La perte de la qualité de Représentant Légal Suppléant

Le Représentant Légal Suppléant perd sa qualité de représentation lorsque : Son mandat arrive à terme ; il démissionne ; il est renvoyé par le Synode à cause de son incompétence ; il est décédé.

Article 23: Du Commissariat aux comptes

Le Synode Diocésain nomme deux Commissaires aux comptes ayant pour mission de contrôler en tout temps la gestion des finances et autre patrimoine de l'organisation et lui en faire rapport. Leur mandat est de deux ans renouvelables.

Ils ont l'accès, sans les déplacer, aux livres et aux écritures comptables de l'organisation.

CHAPITRE V : DES ORGANES ET MECANISMES DE RESOLUTION DES CONFLITS

Article 24 : De la Création des Equipes

Dans le cadre de résolution des conflits, le Synode Diocésain va élire cinq (5) personnes chargées d'investiguer, et cinq (5) autres personnes chargées de la résolution des conflits. Les deux équipes sont sous la responsabilité du Conseil des Archidiacres.

Article 25: Du Mandat de chaque Equipe

L'équipe de cinq personnes chargées de résoudre les conflits aura un mandat de quatre (4) ans renouvelable

rimwe gusa, bakitwa *Abakemurampaka ba Diyosezi*, bakazaba bashinzwe gukemura amakimbirane azaba yavutse muri Diyosezi no guhana abakoze amakosa. Abandi batanu bashinzwe gukora iperereza ku bibazo byavutse nabo bazatorerwa manda y'imyaka ine (4) yakongerwa rimwe gusa, bakitwa *Abagenza b'ibibazo muri Diyosezi*.

Ingingo ya 26: Uburyo amakimbirane akemurwa

Abatowe bazaba bakuriwe n'Inama y'Abacidikoni, ikaba ariyo izajya iregerwa n'ufite ikibazo cyangwa yo ubwayo yamenya ikibazo ikaba yasaba Urwego Ngenza kibazo (investigator) gukora amaperereza kuri iki kibazo bagakora raporo yanditse igomba gushyikirizwa Inama y'Abacidikoni. Inama y'Abacidikoni niyo izafata icyemezo cyo gukurikirana ikibazo cyangwa Uwakoze ikosa.

Igeza ku itsinda Nkemurampaka ikibazo ngo igifateho umwanzuro cyangwa uwakoze ikosa ngo afatirwe icyemezo hakurikijwe ibiteganywa na Kanoni ariyo mategeko ngenga mikorere y'Itorero Angilikani mu Rwanda.

Ingingo 27: Abagize amatsinda n'uko akora

Mu bantu batorwa muri buri tsinda ry'abantu batanu (5), hagaragaramo Umupasitori ukuriye abandi umwe (Acidikoni cyangwa Pasitori uyobora Distrika y'Itorero) ari nawe uba ayoboye iryo tsinda, hakaba Abapasitori babiri n'Abalayiki babiri. Iri tsinda rishobora guterana kandi rigafata ibyemezo igihe nibura batatu mu bagize itsinda babonetse.

only once, and shall be called Diocesan *Conflict Managers*. Their mandate is to resolve conflicts arising in the Diocese and to punish wrong doers. The other team of five people in charge of investigation shall also serve for a four-year term renewable only once and shall be called *Diocesan Investigators*.

Article 26: Process of Resolving Conflicts

The two teams shall operate under the responsibility of the Archdeacons' Council that receives complaints from the offended party. The Council can also request the Diocesan Investigators to investigate an issue brought to its attention, and submit a written report to the Council. It is the Archdeacons' Council that decides on pursuing the case or the offender.

It refers the case to the Diocesan Conflict Managers for decision or for appropriate measure against the offender in accordance with the provisions of the Canons of the Anglican Church of Rwanda.

Article 27: Composition of Teams and how they operate

In each team of five (5) people, one of them is a Senior Pastor (an Archdeacon or a Pastor in charge of an Ecclesiastic District) who is the chairperson, two are pastors and two are lay people. The team can meet and deliberate when at least three of them are present.

une seule fois ; ces gens seront appelés *Gestionnaires des Conflits* et auront la responsabilité de résoudre les conflits survenant dans le Diocèse. L'autre équipe de cinq personnes chargées de l'investigation aura aussi un mandat de quatre (4) ans renouvelable une fois seulement ; elles seront appelées *Investigateurs du Diocèse*.

Article 26 : De la Procédure de Résolution des Conflits

Les deux équipes seront sous la responsabilité du Conseil des Archidiacres qui reçoit les plaintes de la partie lésée. Le Conseil peut aussi demander aux investigateurs du Diocèse de se renseigner sur un cas porté à son attention, et de lui soumettre un rapport écrit. Il revient au Conseil de décider sur la poursuite du cas ou du coupable.

Le Conseil soumet le cas au Gestionnaires des Conflits pour décision ou pour prendre des mesures contre le coupable conformément aux dispositions prévues dans les Canons de l'Eglise Anglicane au Rwanda.

Article 27 : De la Composition des Equipes et de leur fonctionnement

Chaque équipe de cinq personnes comprend un Pasteur aîné (un Archidiacre ou un Pasteur chargé du District Ecclésiastique) qui en est le président, deux pasteurs et deux laïcs. L'équipe peut valablement siéger et prendre des décisions lorsqu'au moins trois de ses cinq membres sont présents.

Ingingo 28: Urwego rw' Ubujurire

Igihe Uwahanwe atishimiye igihano yahawe, cyangwa utishimiye umwanzuro wafashwe ku rwego rwa mbere, afite uburenganzira bwo kujurira mu minsi mironko itatu (30). Ubujurire bugashyikirizwa Inama y'Abacidikoni ifite inshingano zo kugeza ubu bujurire mu Nama ya Diyosezi ari nayo ibifataho umwanzuro wa nyuma. Uruhande rutishimiye umwanzuro w'Inama ya Diyoseze rushobora kuregera Inama y'Abepiskopi ba Provensi y'Itorero Angilikani mu Rwanda. Uruhande rutishimiye umwanzuro uvuyemo rushobora kugana inzego z'ubutabera zibifitiye ububasha.

UMUTWE WA VI:

UMUTUNGO WA EAR D/GBO, IVUGURURWA N'IHINDURWA RY'AYA MATEGEKO HAMWE N'ISESWA RYA EAR D/GBO

Ingingo ya 29: Umutungo wa EAR D/Gbo

EAR D/Gbo ishobora gutunga no kugira uburenganzira ku mutungo wimukanwa n'utimukanwa kugira ngo ugere ku muhamagaro wayo.

Ingingo ya 30: Gucunga Umutungo wa EAR D/Gbo

Ugucunga umutungo wa EAR D/Gbo kwa buri gihe kuyoborwa n'Umuvugizi wayo, cyangwa umwe mu bamwungirije igihe bibaye ngombwa.

Afashwa muri icyo milimo n'inzego za diyoseze

Article 28: Organ of Appeal

The party not satisfied with the decision made at the first level has the right to appeal within thirty (30) days. The appeal is made to the Archdeacons' Council which has the responsibility to refer the case to the Diocesan Council whose decision is final. The party that is not happy with the decision of the Diocesan Council can refer the case to the House of Bishops of the Province of the Anglican Church of Rwanda. The party that is not happy with the decision done may refer to competent jurisdictions.

CHAPTER VI:

PROPERTY OF THE EAR D/Gbo, REVIEW AND CHANGE OF CONSTITUTION AND DISSOLUTION OF THE EAR D/GBO

Article 29: Property of the EAR D/Gbo

The EAR D/Gbo can own and have right to fixed and non-fixed assets in order to achieve its mission.

Article 30: Management of the Property of the EAR D/Gbo

The management of the property of the EAR D/Gbo is ensured by its Legal Representative, or by one of the two Deputy Legal Representatives when necessary.

In this responsibility, he is assisted by Diocesan

Article 28 : De l'Organe d'Appel

La partie non satisfaite de la peine infligée ou de la décision prise au premier degré a le droit de faire appel dans trente (30) jours. L'appel est fait au Conseil des Archidiacres qui a la responsabilité de le faire parvenir au Conseil Diocésain. Celui-ci prend la dernière décision sur cette affaire. La partie qui n'est pas d'accord avec la décision du Conseil Diocésain peut saisir le Collège des Evêques de la Province de l'Eglise Anglicane du Rwanda. La partie qui n'est pas d'accord avec la décision prise peut saisir les juridictions compétentes en la matière.

CHAPITRE VI :

DU PATRIMOINE DE L'EAR D/GBO, DE LA REVISION ET DE LA MODIFICATION DES STATUTS ET DE LA DISSOLUTION DE L'EAR D/GBO

Article 29: Du Patrimoine de l'EAR D/Gbo

EAR D/Gbo peut posséder en propriété ou en jouissance tous les biens mobiliers et immobiliers afin de bien réaliser sa mission.

Article 30: De la Gestion de la Propriété de l'EAR D/Gbo

La gestion quotidienne du patrimoine de l'EAR D/Gbo est assurée par son Représentant Légal, ou bien par l'un des deux Représentants Légaux Suppléants en cas nécessaire.

Il est assisté dans cette tâche par des organes

zavuzwe muri aya mategeko.

Nta muntu wemerewe kugurisha, gutanga, guhinduranya, kugwaturiza umutungo wa EAR D/Gbo, cyangwa gufata umwenda mu izina ryayo atabihereye uburenganzira bwanditswe n'Inama ya Diyoseze.

Ingingo ya 31: Kuvugurura cyangwa guhindura aya mategeko

Sinode ya Diyoseze ishobora kuvugurura cyangwa guhindura aya mategeko mu gihe bisabwe kandi byemejwe na bibili bya gatatu (2/3) by'abayigize. Ivugururwa cyangwa ihindurwa ry'aya mategeko bigomba gukorwa ku nyungu za EAR D/Gbo.

Ingingo ya 32: Gusesa EAR D/Gbo

Iseswa rya EAR D/Gbo cyangwa iyomekwa ryayo ku wundi Muryango byemezwa na bibili bya gatatu (2/3) by'abagize Sinode ya Diyoseze, icyemezo cya nyuma gifatwa na PEAR.

Mu gihe cy'iyomekwa rya EAR D/Gbo, umutungo wawo wose womekwa ku wundi muryango bihuje imigambi kandi bisangiye ukwizera mu bumwe bw'Itorero Anglikani uyu muryango wometswe ukomokaho, hakurikijwe uburyo n'amahame-shingiro agenga Provinsi y'Itorero Anglikani mu Rwanda.

Mu gihe cy'iseswa rya burundu, umutungo wa EAR D/Gbo, umaze gusuzumwa, uhabwa undi muryango ushinze mu buryo bukurikije imigenzereze y'Itorero Anglikani mu Rwanda.

structural levels indicated in this constitution.

No one can sell, donate exchange or mortgage the property of the EAR D/Gbo, as well as seek a loan in the name of the organisation without a written approval of the Diocesan Meeting.

Article 31: Reviewing or Changing these Statutes

The Diocesan Synod can review or change this constitution if two-third (2/3) of its members request and approve it.

Any review or change of this constitution must be motivated by the interest of the EAR D/Gbo.

Article 32: The dissolution of the EAR D/Gbo

The Dissolution or the Fusion of the EAR D/Gbo with other organizations is approved by two-third (2/3) of members of the Diocesan Synod.

The final decision is taken by PEAR. In case of EAR D/Gbo fusion, its property is annexed to another Association with similar vision and same faith within the Anglican Communion, following practices and principles of the Province of the Anglican Church of Rwanda.

When the Association is totally and definitely dissolved, the property of EAR D/Gbo, after audit, is given to another organization founded according to common practices of the Anglican Church of Rwanda.

diocésains définis dans les présents statuts.

Personne ne peut vendre, céder en don, échanger, hypothéquer les biens de l'EAR D/Gbo, ainsi que s'endetter au nom de l'organisation sans une autorisation écrite délivrée par la Réunion du Diocèse.

Article 31: De la révision ou de la modification des présents Statuts

Le Synode du Diocèse peut réviser ou modifier les présents statuts sur demande et approbation des deux tiers (2/3) de ses membres. Toute révision ou toute modification des statuts doit être motivée par l'intérêt de l'EAR D/Gbo.

Article 32: De la dissolution de l'EAR D/Gbo

La dissolution de l'EAR D/Gbo ou sa fusion avec d'autres organisations est décidée par les deux tiers (2/3) des membres du Synode Diocésain.

La décision finale est pour la PEAR. En cas de fusion de l'EAR D/Gbo, son patrimoine est aussi fusionné avec une autre ayant les mêmes objectifs et partageant la foi dans une même communion Anglicane, suivant les pratiques et principes de la Province de l'Eglise Anglicane du Rwanda.

En cas de dissolution totale, le patrimoine de l'EAR D/Gbo, est cédé, après vérification, à une autre organisation créée selon les pratiques de l'Eglise Anglicane au Rwanda.

UMUTWE WA VI:
INGINGO ZISOZA

Ingingo ya 33: Ibyerekeye imyemerere y’Itorerero Anglikani mu Rwanda

EAR D/Gbo ni urugingo rwihariye rwa Provinsi y’Itorerero Anglikani mu Rwanda (PEAR), igendera ku myemerere y’Itorerero Anglikani ku isi yose.

Ingingo ya 34: Kubahiriza aya mategeko

Uburyo bwo kubahiriza aya mategeko bukubiye mu mategeko y’umwihariko yemejwe na Sinode ya Diyoseze kandi agashyirwaho umukono n’Umwepiskopi wa EAR D/Gbo.

Aya mategeko akurikiza ingingo z’amahame shingiro ya Provinsi y’Itorerero Anglikani mu Rwanda, n’ay’ubumwe bw’Abanglikani ku isi yose.

Ingingo ya 35 : Ikurikizwa ry’aya mategeko

Aya mategeko azatangira gushyirwa mu bikorwa igihe azaba amaze gushyirwaho imikono n’Abavugizi ba EAR D/Gbo hamwe n’Abagize Sinode ya Diyoseze.

Ingingo ya 36: Ibidateganijwe muri aya mategeko

Ibidateganijwe muri aya mategeko bisobanurwa

CHAPTER VI:
FINAL PROVISION

Article 33: Concerning the doctrine of the Anglican Church of Rwanda

